KANGURA


N° 18

IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

100 FRW

P.112 A






- Muri Zayire Abatutsi barashirira ku icumu. Nyuma y'urupfu rw'inkotanyi BISENGIMANA.

- Aho bucyera Amashyaka aratuma Abahutu bafata ubutegetsi i Burundi

- Vive l'Unité des Bahutu dans un Pays uni et pacifique




Mu Rwanda hatera niya inama y'inkotanyi muri Hôtel chez Lando.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI B.P. 1312 KIGALI

ICTR-99-52-T
PROS. EX N. P112A
TENDERED ON 21-3-2002
PW 43: RUZINDANA


Editorial

NTIBIKATUBERE URUJIJO



Abanyarwanda benshi ndabona basa nkaho bagisinziriye mu bya Politike. Yewe si na rubanda rwibera mu cyaro gusa usangana iyo ndwara yo kutamenya aho igihugu kigeze. Kuko no mu mujyi wa Kigali abitwa ko ari abasirimu, cyangwa se ngo bageze mu ishuri usanga ari bakeya bagusobanurira ibihe tugezemo. Nawe se kubona kugeza ubu abaturage batarasobanukirwa neza icyo itegeko nshinga rivuga naho ritandukaniye n'iryo abadepite baherutse guhindura. Usibye kumva kuri Radiyo gusa ngo itegeko nshinga ryizwe, ngo none hemejwe ingingo runaka. Ndabona ibyo bintu bitoroshye kuko bagombye gushakishwa uburyo buhoraho bwo gusobanurira rubanda. Ibyo bintu rwose birababaje kubona mu bajyanama ba Komine ku ijana ari batanu gusa bakubwira icyo itegeko nshinga rimaze abandi bose reka daa. Ni mu icura burindi n'abaryize ngo bashatse kurinenga usanga baryitiranya n'amategeko abana ibyaha. Aha ndavuga ba baturage birirwa mu manza cyangwa mu nkiko. Aha rero ugira ngo ndabeshya azegere bamwe mu ba Burugumesitiri b'amakomine ndavuga abamazeho imyaka irenga 15 maze bamubwire icyo itegeko nshinga rivuga. Njye hari uwo nabajije ambwira ko icya ngombwa ari ukumenya manifeste na statut za MRND gusa, naho ubundi ugashora abaturage mu muganda na animasiyo, ibindi ni ibya abanyepolitiki bo hejuru.

Ngaho mwibaze ukuntu umuntu w'umuturage wamurenganyiriza kutamenya amategeko kandi n'abamutegeka bahorana buri munsi bari mu gicuku. Dore tugiye mu mashyaka menshi. Abaturage benshi bagaragaje ko nta wundi bifuza wababera Perezida wa Repubulika usibye HABYARIMANA gusa. Nyamara nta muturage urasobanurirwa ukuntu HABYARIMANA yaba Perezida muri iki gihe usanga hari abavuga ko bahunze MRND ngo bagiye mu yandi mashyaka nka MDR. Ngo ariko bazatora HABYARIMANA mu gihe cy'amatora. Urumva ko abantu batekereza batyo bababaje, kuko ntawahakana ko badategekwa buhumyi. None se bazahumurirwa ryari iby'amashyaka menshi tugiye kugeramo. Ibyo rero nibyo usanga MDR igenderaho ibeshya rubanda ngo nirwiyandikishe muri MDR. Ngo ntakizarubuza gutora HABYARIMANA. Oya rwose murahemukira igihugu cyababyaye. Nimusobanurire rubanda politike yanyu.



Politike yanjye izwi na Rubanda Nyamwinshi, uhereye ku bahinzi-borozi baba mu cyaro. Ubwitange bwanjye buzwi n'ingabo z'igihugu. Namwe mwese mukunda Ubumwe-Amahoro-Amajyambere ntihazagire ababashuka babizeza ibyo batazashobora, muzabanze musesengure uko abo bababeshya babayeho, uwo muzasanga yifuza gufata ubutegetsi ngo yihorere, cyangwa ngo yirukane ku kazi abo bagize icyo bapfa, uwo muzamwamaganire kure.

Mubabwire ko muzakora ibishoboka. Mwere kwizeza rubanda ibyo mutazashobora.

Baturage namwe ndakeka ko ntawe uzongera kubabeshya niba mushaka ko HABYARIMANA akomeza kutuyobora. Nta yindi nzira yo gutuma HABYARIMANA aguma ku butegetsi. Usibye gutora ishyaka rye yavuguruye. Gutora Perezida HABYARIMANA ni ugutora MRND ivuguruye. Ngaho rero niba mushaka kugumana uriya mugabo wemerwa n'amahanga, inzira nta yindi ni iriya tuberetse.

HABYARIMANA turamutekerezaho iki by'umwihariko. N'ubwo KANGURA yarangije kugaragaza ko ariwe izamamaza. Ntibyatuma tutagira icyo tuvuga ko butegetsi bwe, cyangwa ku bikorwa n'abyo yahaye amata, kuko kuri twe gushyigikira Perezida HABYARIMANA ni ugushyigikira umugabo w'inyangamugayo ukunda ukuri wemerwa n'amahanga. None se hari uwashidikanya ko inkunga abazayirwa badutere muri iyi ntambara, kandi bazahora badutera, itavuye ku bucuti bwa HABYARIMANA na MOBUTU bisanganiwe. Kandi bumaze igihe kirekire usibye na Zayire se ni nde utazi inkunga Perezida w'ubufaransa yateye u Rwanda, kandi azahora atera ubutegetsi bwa HABYARIMANA. Ese aho mwibuka ko ibyo byose Mitterand abikorera u Rwanda kubera ubucuti afitanye na Habyarimana by'umwihariko.

Ibyo ubufaransa bukorera u Rwanda kubera HABYARIMANA sinjye ushinzwe kubivuga kuko uzabikenera yabaza Ministre ushinzwe ububanyi n'amahanga Dr BIZIMUNGU Casimir, cyangwa uhagarariye ubufaransa mu Rwanda. Ingero ni nyinshi nashoboraga gutanga. Uzabihakana nawe azerekane ukundi abibona niko muri demokarasi bigenda. Kugira ngo HABYARIMANA yemerwe mu mahanga nuko mu mikorere y'ubuyobozi buri gihe aba agamije kuzamura rubanda nyamwinshi.

None se, niba koko TWAGIRAMUNGU Faustin wo muri MDR aziyamamariza ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, ni ayahe mahanga yazihanganira gutera inkunga u Rwanda kandi bazi neza ubusambo n'ubugwari bwamuranze. Si ibyo gusa kuko inkunga twatewe n'amahanga mu rwego rwa transport, niwe nyirabayazana mu kuyicunga nabi. Dore ko Leta yari yashoye iyo mari muri STIR. Bibaye ngombwa rero Twagiramungu yanashyikirizwa ubucamanza, wenda tukamubarira hamwe n'abandi bakoze nkawe baboneka mu yandi mashyaka.

Tunyarukire kwa Gatabazi uyu uzwi mu Rwanda no mu mahanga ko ari igisambo kabuhariwe mu kunyereza iby'impunzi. None se ko mwese muzi ukuntu H.C.R. wa muryango mpuzamahanga wita ku mpunzi, ufasha u Rwanda kandi uzakomeza kudufasha. Nimwibaze uwo Gatabazi aramutse atsinze ukuntu twaseba mu mahanga. Urubanza rwe rwakurikiwe n'isi yose amahanga ashima ibihano yafatiwe. Kuba byonyine yarafunzwe n'ubusambo bwe biragaragaza ko atashoboraga gutinyuka kwiyamamaza dore ko n'abanyabutare bamuzi neza bamwamaganye. Nawe se umuntu wihandagaje agafatanya na Nzamurambaho wateje inzara ku Gikongoro kandi ahavuka. Iyumvire nawe kubona adateza imbere imishinga y'ubuhinzi iwabo! Uwo Bangamwabo koko wahugiye mu kwihingira urumogi akibagirwa icyateza imbere rubanda kandi ariwo wari ushinzwe Minisiteri y'Ubuhinzi murabona koko hari icyo azamarira rubanda. Uwo nawe yamaganwe na rya shyirahamwe ry'isi yose rirwanya ibiyobya bwenge. Niwe koko ugiye kwiyamamariza umwuga ukomeye nk'uriya. Rubanda nirusobanurirwe amavu n'amavuko n'ibikorwa bya bariya biyemeje gushinga amashyaka. Ngo ejo babone uko basahura umutungo w'igihugu, bamaze kwihimura ku bababujije kwiba. Ingero ni nyinshi zerekana ko mu gushinga amashyaka bishakira inyungu zabo gusa.

Perezida HABYARIMANA yemeye ubwe ko habaho amashyaka menshi, ni ukuvuga ko yemeye guhangana n'abakandida benshi ku mwanya wa Prezidansi ya Repubulika. Turasaba abashinga amashyaka mwese gutangira kudushakira abakandida b'indakemwa, bafite ubuhanga, ubushobozi, umurava, gukunda igihugu, kwemerwa n'amahanga, byibura bakwishyira mu rwego rw'umubyeyi Habyarimana. Bitabaye ibyo ayo mashyaka yandi nareke kuyobya rubanda! Abakandida nyabo barihe?

Muri make wasanga HABYARIMANA agomba gutorwa byanze bikunze kuko abo nakwita bakeba be nkuko nawe yiyemereye ku mugaragaro ko yemeye guharikwa. Abo bakeba rero ibyo rubanda ibaziho bashatse basubira aho bahoze cyangwa se bagategereza imbabazi ngo zaba zizatangwa ku banyabyaha bose bifuza kuba abanyapolitike. Rwose Radiyo Rwanda nisobanurire rubanda icyo aricyo ubutegetsi mu mashyaka menshi.

Nawe wakwibaza uko wabona abaturage bakwinubira abategetsi Umukuru w'Igihugu yizeye, nyuma bakamutenguha kugeza aho babigeza kuri KANGURA. Nk'abanya Cyangugu Prezida wa Repubulika yabakorera iki?

Kubona abanya Cyangugu bifuza ishyaka ryatsinda ngo ribavanireho Burugumestiri MUBILIGI wa Kamembe, ubutegetsi buhumyi koko! Ubwo murumva abashinzwe kurebera HABYARIMANA batarimo bamugirira nabi. Ariko bimaze kugaragara ko ibyegera bya HABYARIMANA biri mu yandi mashyaka byifuza ko abo bategetsi badakunzwe n'abaturage bagumaho maze abaturage bakabiheraho bahunga MRND; bayiziza ko itamenya akababaro kabo.

None se wasobanura ute ukuntu ba Burugumestiri wa Muhazi, Nyamyumba, Rwerere, Gisuma, Gatare, Kamembe amashyaka yabasanga mu ntebe koko. Dore nk'ubu ngo Burugumestri wa Nyamyumba yamenye ko hafashwe ibyemezo byo kumuvanaho, none muri iki gihe urwandiko rumuvanaho rutarasohoka yiyemeje gushakisha ku ngufu aho yavana ay'impamba. Ubwo koko ntibizaba biteye isoni, kubona hari agatsiko k'abaturage ngo biyemeje kumuvana mu biro ku ngufu. Leta nitaba maso ngo igarurire hafi icyo

kibazo kuko MRND izahazaharira kubera KAREMERA Egide wa Nyamyumba.

Ku byerekeye bariya bagiye gushinga amashyaka, na n'ubu batavuga ukuntu u Rwanda ruzatsinda inkotanyi n'inzara cyangwa ngo batwereke icyo bazakora ngo imfashanyo duhabwa n'amahanga zikube kabiri, cyangwa batwereke ikindi gihugu twanze kubana nacyo kandi kidufitiye akamaro. Mbese nabo ubwabo ugasanga batazi icyo bakora cyangwa baganiije, hari umwe mu bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda uherutse kumbwira ko abashinga amashyaka mu Rwanda bose ngo barahubutse, ngo barishakira kuvugwa gusa kugira ngo bamenyekane. Ngo n'ibinyamakuru bigenda bivuka buri munsi kandi wareba ugasanga ntacyo byungura rubanda usibye kwihisha inyuma y'amashyaka byigisha rubanda gusebanya no gutukana gusa.

Itangazamakuru

Hari benshi bakunze kuvuga ko KANGURA ikorana n'ubutegetsi ngo kuko ibyo itunze agatoki ko bitagenda neza ngo Leta ihita ibivugururura vuba. Si byose koko kw'isi hose ikinyamakuru cyubahwa na rubanda. Ibyo cyikomye byanze bikunze birahindurwa. KANGURA nicyo kinyamakuru gisomwa na benshi mu Rwanda no mu mahanga. Gikoresha abakozi b'ingeri zose, gishyira ahagaragara ibitanteze neza nta gusebanya. Kandi mwibuke ko KANGURA ari ijwi rigamije gukangura no kurengera rubanda nyamwinshi.

Igitangaje n'uko hari abategetsi ngo batagomba kuvugurura ibyo KANGURA yavuze ngo hato abaturage batavuga ko KANGURA ariyo itegeka. Icyo twe duharanira ni gushyira ahagaragara ibitagenda neza no gufatanya kubishakira umuti. No kureba icyabiteye ngo dufatanye kucyamagana

Birababaje kubona abakoze dosiye yo kuvanaho Bourgmestre wa Rubavu ari nabo bakoze dosiye ya Bourgmestre wa Nyamyumba none bakaba barageze ibukuru iya Rubavu gusa. Iya Nyamyumba igasigara. Wenda ashobora kuzahagarikwa ahitira muri gereza dore ko umutungo wa Leta yanyereje ntawakwihanganira ko ugenda nyombere. Dosiye ye izajya ahagaragara nava mu kababaro ka mukuru we wategekaga TRAFIPRO none akaba yarapfuye vuba aha.

Tuboneyeho No kubwira Ministre wari ushyigikiye uriya Bourgmestre wa Rubavu ko ashyitsa umutima mu nda ntitukimutangaje kuko ikibazo cyakemuwe nyuma y'aho Kangura N° 17 isohokeye. Ibyagombaga gukosorwa byarakosowe, ahasigaye n'aha Nyamyumba-Rwerere-Kamembe-Gatare-Gisuma-Kigombe na Muhazi.

NGEZE Hassan

Wari uzi ko mu ba Yisilamu bo mu Rwanda 80 % ari Abatutsi ? Menya ko badakunda Abahutu ubihakana azumve uko bavuga inkotanyi.

ZAIRE : VIVE L'UNITE DES BAHUTU, dans un pays uni et pacifique.

La Communauté Hutu du Zaïre suit avec beaucoup d'intérêt les préparatifs du Ministère de l'Administration du Territoire quant à la réussite de l'opération d'identification des nationaux. La Communauté Hutu est depuis longtemps victime de la Loi n° 81/002 du 29 juin 1981. Dans sa déclaration rendue publique par la Communauté Hutu de Kinshasa sur la partialité des chefs coutumiers responsabilisés pour mener l'opération d'identification des nationaux et sur le statut juridique des Hutu transplantés au Congo-Belge par le pouvoir colonial on se pose la question de savoir comment une loi peut rendre apatries plus d'un million des personnes sans aucune raison, dans un milieu où ils constituent plus de 80% de la population.

La Communauté Hutu du Zaïre voudrait que cette opération soit mené par des personnalités neutres et impartiales originaires des autres régions du Zaïre. Pas question de confier cette lourde tâche aux seuls chefs coutumiers sans qu'il n'y ait un contre-poids des Hutu. Les chefs coutumiers sont accusés par la Communauté Hutu d'être non seulement impartiaux mais surtout d'être à la base des confusions et complications de l'opération d'identification. Les faits sont connus.

La Communauté Hutu de Kinshasa recommande à la Commission d'identification d'avoir à l'esprit que, hormis les réfugiés Hutu Burundais, qui ont toujours été priés de se présenter comme tels, aucun autre Hutu n'est réfugié. Il est connu de tout le monde que la révolution Hutu du Rwanda de 1959, qui a précédé l'indépendance de ce pays, a drainé uniquement des réfugiés Tutsi dans les pays limitrophes. Les réfugiés Tutsi se retrouvent aussi bien au Nord et au Sud-Kivu et se localisent surtout dans les grands centres. Par contre les événements du Burundi, quant à eux, a drainé des vagues de refugiés Hutu qui sont localisés dans le Sud-Kivu. Depuis l'accession du Zaïre. (ex Congo-Belge) à la souveraineté internationale, les Hutu transplantés au Congo-Beige sont victimes d'une contestation permenente orchestrée par certains milieux politiques, pour des fins inavoués. Cette contestation devient toujours plus accrue à la veille des élections. La réalité est que ces milieux politiques craignent la puissance numérique de ces Hutu dont le nombre avoisine un million dans le Nord et dans le Sud-Kivu.

Afin de se débarasser des concurents politiques Hutu, les milieux politiques n'hésitent pas de les traiter, à tort, de Rwandais, des réfugiés rwandais ou d'étrangers tout court. La situation se complique davantage avec l'entrée en jeu des réfugiés

Tutsi. En effet, au nom de la solidarité des minorités, les Hunde (± 12% de la population); détendeur du pouvoir local à Masisi et les Tutsi (± 5% de la population), influents dans les sphères de la politique nationale, font des alliances et par le jeu du truquage des élections, les élus du peuple de la Zone de Masisi ont jusqu'ici été soit des Tutsi, soit des Hunde de sorte que l'opinion croit que les habitants de Masisi sont des Tutsi et des Hunde. A l'échelon national, les Tutsi font tout pour récompenser les Hunde en proposant leurs nominations jusqu'au Comité Central avec l'aide des BISENGIMANA Rwema et compagnie ! Les réfugiés Tutsi au lieu d'accepter leur statut, ont tout fait pour créer la confusion et se mettre dans la même situation que les immigrés, en faisant signer au Président de la République, l'ordonnance-loi nº 71/020 du 26 mars 1971 relative à la nationalité congolaise par les personnes originaires du Rwanda-Urundi établies au Congo depuis 1960. Contrairement aux réfugiés Tutsi, les Hutu transplantés par le pouvoir colonial ont, de 1960 à 1971, été électeurs et éligibles alors que les réfugiés Tutsi ne l'ont jamais été jusqu'à cette date. Depuis leur installation au Congo-Belge jusqu'à ce jour, les Hutu n'ont en aucune attache juridique avec le Rwanda. Quant aux réfugiés politiques Tutsi, ils n'ont jamais cessé de rêver leur retour au Rwanda pour prendre le pouvoir. Actuellement, ils usent de leur influence sur certaines personnalités zaïroises pour que les Hutu soient traités comme des Rwandais dans le but d'accabler le régime de Kigali. Et ils pourraient réussir puisque le législateur de 1981 a déchu de leur nationalité les Hutu transplantés par le pouvoir colonial, le résultat étant simple: l'APATRIDIE aux Hutu transplantés par le pouvoir colonial. Alors que la loi de 1972 dispose comme suit en son article 15: «les personnes originaires du Rwanda-Urundi qui étaient établies dans la province du Kivu avant le 1er janvier 1950 et qui ont continué à résider depuis lors dans la République du Zaïre jusqu'à l'entrée en vigueur de la présente loi ont acquis la nationalité zaïroise à la date du 30 juin 1960». Les Hutu du Zaïre n'ont jamais possédé la nationalité rwandaise. Le retrait de la nationalité zaïroise qu'elles ont toujours en ne peut que les laisser apatrides. La population Hutu du Zaïre est victime de toutes les confusions et décisions, c'est pourquoi elle désire ardement que l'opération d'identification soit faite dans l'ordre et l'équité.

Hutu du Burundi, Hutu du Zaïre, Hutu du Rwanda, Hutu du monde entier unissez-vous de Paix, de Justice et de Tranquilité.

KANGURA est avec vous !
SALAMA !!!!

PUBLI-REPORTAGE

DECLARATION DE LA COMMUNAUTE HUTU DU NORD-KIVU

Nous, membres de la Communauté Hutu,

Après avoir lu le communiqué de presse du Ministère de l'Administration du Territoire et de la décentralisation, publié dans l'Agence Zaïre-Presse (AZAP) du 30 mai 1991, et relatif du recensement imminent des populations des Nord et Sud-Kivu et de Moba;

Après avoir reçu des informations qui nous parviennent de l'arrière-pays et selon lesquelles ce recensement aurait commencé à Goma, où les immigrés de Masisi seraient exclus de ce recensement et verraient leur carte de citoyen arrachée;

Après avoir déposé, pour examen et réponse; la Déclaration des Hutu sur la question, à la Présidence de la République, à la Primature et à l'Administration du Territoire et décentralisation;

Tenons à préciser ce qui suit, à l'intention du Gouvernement de Transition élargi, et à l'opinion tant nationale qu'internationale:

1. La Communauté Hutu, dans le cadre de la Nation zaïroise, est une et indivisible, et il n'est au pouvoir de personne de la diviser ou de l'affaiblir.

2. Cette Communauté est composée d'une part, des originaires du Zaïre, habitant principalement les zones administatives actuelles de Rutshuru, Nyirangongo, Karisimbi et Goma (appelées Territoire des Bahutu sous la colonisation) et pour lesquels il n'existe aucune contestation quant à leur appartenance à la Nation zaïroise, et d'autre part, des populations immigrées du Ruanda-Urundi, transplantées dans la zone de Masisi par l'autorité coloniale belge dans les années 1930-1950, et qui ont perdu tout lien avec leur pays d'origine.

3. Priver ces dernières populations de la nationalité zaïroise, c'est les punir pour un acte dont elles ne sont pas responsables. Et pourtant c'est de cela qu'il s'agit depuis que, sous la dictature du défunt Comité Central du MPR qui, mal inspiré comme il le fut si souvent et dans tous les domaines, une loi rendit ces immigrés apatrides, en leur déniant, en 1981, la nationalité zaïroise qui, pourtant et avec raison, leur avait été reconnue au 30 juin 1960 par la Table Ronde politique, la loi fondamentale, la constitution de

cikaga bw'icumu agatoroka anyuze inzira y'i Birunga yasanganyizwaga imipanga na macumu ku buryo nta Mututsi n'umwe wacitse ku rugamba wigeze atamba uwabihakana ya zegera abatuye i Rutshuru ku mu paka w'u Rwanda — Uganda na Zayire cyangwa atareba imitwe na paka w'u Rwanda — Uganda na Zayire cyangwa atareba imitwe na maguru na n'ubu bigitemba mu mugezi waho ngaho.

Mbese ibyo abahutu bo muri Zayire bakoze badufasha kurwana iyi ntambara ni byinshi kandi bazakomeza kudufasha. Bamwe muri abo bahutu baragira bati "u Rwanda iyo rwigarurirwa n'abatutsi, abahutu bo muri Zayire nabo bari guhura n'ingorane zidasanzwe. Bari gushirira ku icumu. Abahutu bo mu Burundi, cyane cyane impunzi ziri mu Rwanda, nabo bazi ko ariko byari kubagendekera. None se u Burundi kwangako inkotanyi zitera u Rwanda ziturutse i Burundi wagize ngo ni urundi rukundo ! Reka da ! Ahubwo abatutsi bo mu Burundi batangajwe no kubona u Rwanda ruhangana n'abatutsi bo mu Buganda bari bazwiho ubuhanga mu kurwana noneho bashya ubwoba maze bacika intege. Aho gutera baturutse i Burundi noneho bakajya batoza inkotanyi bakazohereza gushirira iyo mu Mutara no mu Birunga zinyuze mu Buganda. Kugeza magingo aya rero inkotanyi ziracyoherezwa ziturutse mu Burundi. Turibaza rero niba guverunoma y'u Burundi itazi ko k'ubutaka bwayo ikoreramo habera ubugizi bwa nabi nk'ubwo bugamije guhungabanya amahoro mu gihugu bahana imbibi. Twegereye umusirikari wo mu Rwanda ukomeye kandi uzobereye mu by'intambara, tumubaza ukuntu u Rwanda rwabyifatamo ruramutse rutewe n'abaturutse i Burundi. Uwo musirikari yasubije aseka cyane ati "na bo barabizi kereka bashaka kw'ikoraho. Birazwiko 85% by'Abarundi ni abahutu kandi bakaba bashaka kwigobotora akarengane bamazemo ibisekuru n'ibisekuru uretseko babuze aho bamenera. Ubwo rero 14 % b'Abarundi ari bo batutsi bateye u Rwanda, Abanyarwanda bakwirwanaho bizeye bidasubirwaho ingufu nyinshi z'abahutu b'abarundi. Kandi amahirwe yo gutsinda akaba ari menshi n'ikibazo cy'impunzi z'Abarundi b'abahutu kigashyirwa ahagaragara. Mbese ntibyaba kimwe n'inkotanyi zizeye ingufu z'abatutsi bari mu Rwanda kandi zitageze no kuri 1/5 cy'ingufu z'abahutu. Ibyo bikaba ari ibitekerezo byanjye. Cyakora Perezida Buyoya yatwijeje rwose ko nta gitero kizaturuka i Burundi. Ikindi kandi, intambara si yo kamara. Hari ubundi buryo bwiza bwo gukemura ibibazo by'abaturage. Naho kubijyana n'ukuntu abahutu bo mu Burundi ubutegetsi bwabageraho, twabitega amashyaka menshi. Ndumva ari yo nzira nziza izabavana mu kaga bamazemo igihe kitari gito". Ibyo byari ibitekerezo by'umusirikari twaganiye.

TWIGARUKIRE KURI BISENGIMANA Rwema

Bisengimana ni we nkotanyi ikomeye kurusha izindi kuko mbere y'uko duterwa yakoranye inama na Museveni yemera ko ari we uzariha intwaro zose zizakoreshwa muri iriya mirwano. Yizeza Museveni ko agiye gukoresha amanama azahuza abatutsi bose ku isi akabereka uko bazajya batanga imisanzu mu ibanga no gushyiraho komisiyo ishinzwe gukusanya iyo misanzu. Ubwo Bisengimana Rwema wiganye na Katabarwa André akaba n'inshuti ye magara, ahatanga amamiriyari yari yaribye igihugu cya Zayire ubwo yari umujyanama muri perezindasi ya Zayire no muri komite nyobozi ya MPR. Muri iyo komite, Bisengimana yaranzwe n'amatiku yakunze kugirira nka NGUNZA K.B, cyane cyane ariko ayo matiku yayagiriye abahutu bakomoka muri Kivu zombi. Ibyo bizwi n'umwami Ndeze w'umuhutu yirukanishije muri komite nyobozi ya MPR kugira ngo atazavumbura umugambi wagombaga gufatwa n'abatutsi bakomeye bari mu butegetsi bwa Zayire, noneho akawushyikiriza komite nyobozi. Twibutse ko Bisengimana Rwema avuga abeshya ko akomoka ku (Ijwi) naho Ndeze akaba ari uw'i Rutshuru. Utwo turere twombi turegeranye ku buryo umwe ashobora gutahura imigambi y'undi. Uwo mugambi rero bangaga ko Ndeze azahishura wari uwo gutegura ukuntu Rwigema na bagenzi be bafashwa mu kugura intwaro zo gutera u Rwanda.

Nyamara abahutu bo muli Zayire baje gutahura uwo mugambi maze nabo bashyiraho ishyirahamwe ryabo rigomba gutahura ubugome abatutsi babakorera kandi bose hamwe bakagira umutima w'ubufatanye kugira ngo bab.she kwikemurira ibibazo bagenda bahura na byo. Ingwe ntiyari izi gufata ku gakanu. Ishyirahamwe ryabo ryitwa MAGRIVIN. Mbese ntaho ritandukaniye na M.D.R. yo mu Rwanda. Usibye ko abatutsi ari inyaryenge bakaba bagerageza gukoresha amafaranga yabo ngo bagire abaja b'abahutu bakennye. Bigatuma rero abahutu batavuga rumwe. Ako kantu ni ako gukosorwa.

Abahutu bo muri Zayire murabe maso

Ejo bundi ku cyumweru tariki 30/06/91, abatutsi bo muri Zayire bakoze inama yo gushakisha ukuntu bakwifata nyuma yuko bigaragaye neza ko batsinzwe k'urugamba rwamaze urubyiruko rw'abatutsi — usibye abakobwa babo bagihanyahanya. Iyo nama rero yari igizwe n'undi mutwe witwa C.E.R.E.A. Bemeje ko bagomba guhindura politiki. Ubwo u Rwanda rubuze, igice cya Zayire ntikikabure.

Dore uko bazabyifatamo

Buri mututsi yahawe ishingano zo gutanya abahutu akoresheje uburyo bwose bushoboka nko gutanya abakene benshi n'abakire. Kohereza abatutsikazi kujya gutata abahutu kugira ngo bamenye icyo bagambiriye. Kwigira Abazayirwa kandi amategeko atabyemera. Gusopanya ibarura ryo muri Zayire. Kuzambya amatora yose yaba mbere y'uko bisuganya. Gutesha umu-


Luluabourg et la loi n° 72/002 du 15 janvier 1972 sur la nationalité. La constance de cette position politique, constitutionnelle et légale étant en soi un argument qui aurait dû faire réfléchir cet organe du défunt Parti-Etat. Hélas, il était sans doute déjà installé dans des réflexes qui devaient conduire à sa perte.

4. Cette position était fondée. Elle l'était d'autant plus que ces immigrés n'avaient aucune autre nationalité et que le Zaïre ne pouvait leur enlever la nationalité sans les rendre apatrides, se mettant ainsi lui-même en marge de la communauté internationale qui, à travers la Déclaration universelle des Droits de l'homme et d'autres Pactes internationaux, fait du droit à la nationalité, un droit de l'homme, aussi fondamental que la vie, la santé ou l'éducation.

5. Cette position de reconnaître la nationalité aux immigrés de Masisi est aussi celle de toute la Communauté Hutu du Zaïre. Nous démandons aussi qu'elle soit celle de tous les compatriotes et de tous les hommes de bonne volonté qui souhaitent voir le Zaïre grand, prospère et uni. Et il ne pourra l'être que par l'intégration de tous ses enfants, et non par l'exclusion de certains d'entre eux.

.../B.BOS/NG/BMK/91.

ABATUTSI BO MURI ZAIRE MU MAZI ABIRA



Umututsi waguraga amasasu inkotanyi zakoreshaga mu gutera u Rwanda yarapfuye. Hasigaye gupfa nde ngo intambara ihagarare ? Nasange Rwigema aho twamutsinze.

Ingorane ziba nyinshi ariko izo abatutsi bo muli Zaïre bikururiye zigiye kubakoraho dore rero uko byose byatangiye. Nkuko mubizi cyangwa se mwagiye mubikurikirira hafi. Igihugu cy'u Buganda nicyo gitu[illegible] abatutsi bafite imbunda. Nkuko oizwi na buli munyarwanda, naho igihugu cya Zaïre cyo, kigatunga abatutsi bakize cyane bafite ubutunzi bw'amafaranga ngabo ba RWAKABUBA, BISENGIMANA, GAHIGA, NGEZAYO, KASUKU, na Musenyeri NGABO umututsi ugitsimbaraye ku ngoma ntutsi. Naho i Burayi n'ahandi hose, muli Amerika batunze abatutsi bagize amahirwe yo kwiga mbese impuguke. Turebere hamwe uko urugendo abanyamakuru ba Kangura bagenzemo tariki ya 29/06/1991 mu turere twinshi twintara ya Kivu ya majyaruguru, ahategeka Guverineri utatubereye mwiza. Abatutsi bakozwe mu nda n'inkuru y'inshamugongo bumvise ko, uwo bizeraga ko ubugome Rwigema, Bunyenyezi, na Bayingana bari bizeye neza ko bazatuma bongera gushinga ingoma yabo ya ntutsi. Ubwo abo bagabo, inzabo z'u Rwanda zimaze kubereka icyo inyenzi zaremewe, abatutsi bose barumiwe barakonja, babura aho bakwirwa. Museveni nawe bimubera urujijo kuko yari abuze ibyegera bye bimukurikira uko ari bitatu. Ubwo ibibazo bimubana urufaya, abura aho ya kwirwa, yiga kubeshya, kandi nta mu perezida ukwiye kubeshya, usibye uriya mugaragu w'inyenzi Museveni. Ubwo abatutsi bagerageza kubaza Museveni uko bakwifata ubwo abizeza ko agiye kubatiza murumuna we ngo abatize umurindi. Ayobora imirwano usibye ko nawe yabanje kubangira, bakamwumvisha ko agomba kurwana ku nyenzi bene wazo. Ubwo abaganda nyabo bahoneyeho uburyo bwo kumvisha abanyamahanga ko Museveni atari umuganda, kuko yabigaragaje muri iriya mirwano y'inyenzi-nkotanyi.

Abatutsi rero ubu bari mu kiriyo kubera urupfu rw'inkotanyi BISENGIMANA Rwema waguye muli Amerika. Nkuko tugiye kubibagezaho: uyu Bisengimana n'umwe mu batutsi bagize amahirwe yo gukira birenze urugero, aza gushyirwa muli komite nyobozi ya MPR ku buryo

yaje gutikura agakuzamo umuhutu nawe wari waragize amahirwe yo kwinjiramo. Uwo mututsi rero yaje kwemera guteguranа n'abandi batutsi biyise inkotanyi, mu gutegura ibitero bagabye mu Rwanda. Ubwo yafashe kimwe cya kabiri cy'umutungo we agura intwaro azohereza i Buganda azi ko mu gihe kitarenze icyumweru bazaba bafashe u Rwanda. Nyamara aho ingabo z'u Rwanda zigaragarije ko zitavogerwa, ubwo abo batutsi bose barateranye ...o nabavuze haruguru basanga baragize igihombo kitabarika. Bibaza ... bibazo ngiye kubagezaho hepfo:

Abatutsi baba muri Zaïre basanze aribo bafite umutungo w'amafaranga ubwo bafatanya n'abandi batutsi bo mu Buganda no mu Burundi, no mu Rwanda, bashaka gukora umugambi wo kwigarurira intara ya Kivu batuyemo. Bamara kuyifata bagatera u Rwanda. Bakarimbura icyitwa umuhutu cyose, ubwo bagafatanya n'abandi batutsi bo mu Burundi mu kurimbura Gahutu wo mu Burundi. Ubwo icyitwa umuhutu cyose kikaba kiribagiranye.

Bamaze kubona uwo mugambi ...ntutsi utakigezweho kubera ko banyaga ko biramutse bibapfubanye, ...bo barimburwa burundu abatutsi bo mu Burundi babagira inama yo guhindura amayeri kugirango barebe ko barya kabiri. Ubwo biyemeza gutera u Rwanda ibyitso babihata amafaranga sinakubwira, bemeza ko, igihe cyose ubutegetsi ntutsi nibufatwa, ikitwa umuhutu cyose, kirangwa muli aka karere — Rwanda — Burundi — Zaïre — Uganda, icyo kiremwa Hutu, nticyagombaga kongera kubaho. Ku buryo abana bavuka ubu ngo bari kuzajya babaza igihe umuhutu yabereyeho n'uko yasaga. Abatutsi ubwo ngo bagombaga kujya berekana ingagi mu mwanya w'abahutu. Ngurwo urwo abahutu bari bapfuye.

...Ngeze amaze ... rero nibwo ba Bisengimana bafashwe n'indwara y'umutima. Ajya kwivuza muri Amerika ari naho yaguye. Ngo abazungu baba baramubwiye ko arwaye ubwoba, no kwiheba usibye ko abaganga b'abazayirwa bo bemeza ko, intambara yo mu Rwanda yatumye, sida yaramaranye igihe, imuhuta vuba. Uko yaba yarapfuye rero, kuri twe Abanyarwanda ntacyo bivuze, icyangombwa n'uko akurikirana na ba Rwigema. Na Kayitare dutegereje urupfu rwe mu gihe cya vuba. Abatutsi bo mu Rwanda bo bifashe bate nyuma y'ibyo byose ?

Kubera ko abatutsi bo mu Rwanda batavuga aho babogamiye, usibye ko buli wese abibona, cyane cyane uganiriye na bariya batutsi bafunguwe cyangwa se na bariya bagitsimbaraye ku ngoma ya cyami, naho ubundi, abatutsi bose b'ibyitso bifuzaga ko inkotanyi zafata ubutegetsi mu nzira iyariyo yose, kuko ariyo mizero yabo ya nyuma. Uwavuga aho abatutsi bo mu Rwanda babogamiye ya bizira. Rero twivugire abatutsi bo muli Zaïre bo bigamba ku mugaragaro. Dore ko twabashije kubonana n'inkotanyi ziyise Impunzi, ubu zikaba ziba kuli Goma — Zaïre, maze titubwira uko byifashe kuruhande rwabo.

Uwitwa MUGABOWISHEMA Mohamed wiyise impunzi ubu akaba ari mu kigo cy'impunzi aho i Goma, yatubwiye ko bemeye ko batsinzwe ko, ahubwo bafite ubwoba ko nibagaruka, abahutu bashobora kwihorera. Ngo n'amafaranga bahabwaga yo kubajyana i Buganda yarahagaritswe. Ku buryo bari mu mazi abira. Undi mututsi nawe yatubwiye uko bagiye ku byifatamo. Nyuma yo kwemera ko batsinzwe, dore uko abivuga: tumaze kubona ko u Rwanda rw'abahutu tutakirubonye, twasanze tudashobora kuza guturana nabo, twaje turasa, none duhisemo gushaka ukuntu twakongera kwiyoberanya ngo twibere abazayirwa. Ni cyo gituma, abatutsi bo kuli Goma bakoze inama ... kuwa ..., kuya 29/06/1991 saa sita zamanywa, iyo nama irangira ni mugoroba. Hali n'abanyamakuru benshi. Abanyamakuru ba Kangura nabo ntabwo bahatanzwe kuko bali bahali.

Muri iyo nama rero bemeje ko bagomba kurwanya abitwa «Abanandi» bumwe mu bwoko butuye Zaïre, kuko abo banandi bashaka ko buli mututsi yahabwa ibyangombwa by'abanyamahanga. Icyo bapfa ngo n'uko abatutsi bageze iwabo bakabakirana bakironda, barongora abakobwa babo, n'abo bashyingiye mu bundi bwoko buba muli Zaïre, akaba ari uburyo bwo kujya gutata. Dore ko akenshi baba bashyingiye mu bategetsi. Ngicyo icyo Abanandi bapfa n'abatutsi batemera ko ari nabo bake mu karere kose batuyemo. Turebe uko kuri Goma n'ahandi hose muli Kivu y'amajyaruguru byifashe:

HUTU	: 1.153.070	— 41 %
NANDE	: 1.321.812	— 47 %
TUTSI	: 98.433	— 3,5 %
NYANGA	: 84.371	— 3 %
HUNDE	: 153.680	— 5,5 %

Umwami Ndeze ashyigikiye abahutu aho bari hose kw'isi. Mu Rwanda tumenyereye kumva ko, abami bose ari abatutsi. Ariko muli Zaïre ho siko bimeze. Kuko buli bwoko bufite umwami wabwo. Nkuko bimeze mu karere ka Rutshuru. Umwami Ndeze rero, umuhutu ufite igisekuruza gikomoka mu Rwanda, wakunze kurwana intambara itoroshye n'abatutsi, abavanamo umutima wabo w'inzoka ku buryo yaje gushyirwa muri Komite nyobozi ya MPR, aza no kuba Depite muli Zaïre, maze abatutsi babonye ko habonetse undi muhutu nawe ushobora kwigerera i bukuru, nibwo ba Bisengimana, ba batutsi bamurwanyije cyane, kugeza ubwo ababisa. Ariko intambara iracyari yose. Byagenze bite rero nyuma yuko inkotanyi zitereye u Rwanda: u Rwanda rumaze guterwa n'inyenzi-inkotanyi zigizwe n'abatutsi, abahutu bo muli Zaïre bakoze uko bashobove ngo batabare u Rwanda bakoresheje ingufu zabo zose. Icyo abahutu bo muli Zaïre rero bakoze bwa mbere n'uko buli mututsi wa-

twe abahutu bo bigaragara ko babana neza n'Abazayirwa. Barangije bemeje ko bagomba gukomeza kwironda, umututsi ntatume hari mwene wabo wandagara, ntihagire umututsi urongora umuhutukazi...
Inama yarangiye k'umugoroba, bemeza ko bazongera guhura ari uko bamenye icyo inama ya F.P.R. yabereye mu Bubiligi mu minsi ishize yagezeho, dore ko yigaga niba ishobora kuza gushinga ishyaka mu Rwanda cyangwa se gukomeza imirwano. Ubwo iby'izo nama zombi dushobora kuzabibagezaho mu bihe biri imbere kuko dufite "ibyitso" bya KANGURA kudutariramo amakuru.

Urupfu rwa BISENGIMANA

Bisengimana Rwema yaguye muri Amerika azize indwara y'umutima. Indwara y'umutima yaje igitaraganya. Ngo byatewe n'uko yasanze yaratanze amafaranga menshi muri iriya mirwano, afata n'amadeni menshi atari gushobora kwishyura. Ibyo byose iyo yabitekerezaga yataga umutwe dore ko yari amaze kwerekana ko atakiri Umuzayirwa kuko yiteguraga kuza kuba ikintu gikomeye mu Rwanda. Hari abavuga ko ibyo bibazo byose ari byo byatumye Sida yari amaranye igihe gito imuhuta. Ngibyo ibibazo bafite kubera ugutsindwa mu nzira zose. Utazicwa n'amasasu y'ingabo z'u Rwanda, azicwa n'umutima azaterwa n'imigambi ye yapfubye. Ubwo gahutu azaba ahanze amaso uko abatutsi bashira. N'ubundi byarasakuje ngo inkunguzi y'igikoba yikurira amakara.

BARANYERETSE Mustapha.

GLGL
DA80130 4 I 0251 KEN/
AFP-IK60
BURUNDI-POLITIQUE
A AGITATION DES HUTUS DANS LE NORD-OUEST DU BURUNDI

Nairobi, 8 juillet 91 (AFP) — des bandes organisées prônent l'insurrection armée et la révolution dans le Nord-Ouest du Burundi, selon la dernière édition d'un hebdomadaire gouvernemental, qui fait allusion, sans la nommer, à une agitation de membres de l'éthnie hutu majoritaire.

Dans la nuit du 30 juin, des bandes organisées ont écrit sur la route nationale qui mène à Bujumbura, dans la province de Cibitoke, des slogans remettant en cause les institutions du pays et appelant la population à se soulever, affirme le renouveau du Burundi paru lundi, dont une copie a été reçue à Nairobi.

L'hebdomadaire cite plusieurs témoins proches des agitateurs, qui déclarent notamment: attendez seulement le mois de décembre. C'est du sérieux. Nous devons combattre l'injustice sociale. Nous sommes résolus à monter au créneau pour proclamer notre révolution.

Mes frères sont déterminés à se venger. Ils doivent venger les leurs qui ont péri en 1972, déclare un autre habitant de la région, faisant allusion au massacre par la minorité tutsi, de 100.000 à 200.000 hutus, en 1972.

Des massacres entre communautés tutsi et hutu avaient fait 5.000 morts, selon un bilan officiel, en 1988 dans le Nord du Burundi. La président Pierre Buyoya a depuis instauré une politique d'unité nationale, marquée notamment par la nomination au gouvernement de plusieurs ministres de la Communauté hutu, jusque-là écartée du pouvoir.

MS/AB
AFP 081635 GMT JUL 91

Umunyarwanda uvuka muli Commune NDUSU
Secteur RUSORO
Umaze imyaka itanu aba hano i Kampala
— o —

Kampala, le 14 – 06 – 1991

Abanyarwanda murabe maso. I Kampala ibintu birakomeye.

Iyi barwa nyohereje ku izina ryawe ariko ubundi iyo biba byashobokaga nali kuyohereza Abanyarwanda bose bakunda igihugu cyabo. Iyi barwa rero nkaba ngirango mbamenyeshe twe Abanyarwanda batali ku ruhande rw'inkotanyi baba hano mu Uganda umutima uhagaze dutewe n'ikintu biri hano mu Kampala muri iki gihe (ndetse tukaba twumva ko hirya ho cyane mu bice biri hafi y'umupaka ko ho ari ibindi). Uragira itya rero ugahura n'umusirikari wa N.R.A. niba muziranye ati ubu icyo tugiye gukora i Rwanda muri iyi minsi n'umwuzukuru azakiganira. Ati bariharukiriye bashinga Museveni ko aliwe wohereza abasikari be gufatanya n'inkotanyi ngo ndetse Habyarimana yarabimushinje bari mu nama ya O.U.A. ngo none ubu barashaka kumwereka ko umusirikari wa Uganda adapfa gukina nk'uko inkotanyi zabigenje. Ubu ngo bakaba bari mu myitegura kugaba igitero gikomeye cyane mu Rwanda. Ibyo rero rwose ntibikiri impuha kuko rwose biravugwa cyane hano i Kampala ku mugaragaro. Ubu

rwose abafana ba Rwigema barongeye amabendera barayazamura (dore ko hano mu Kampala aribo basa) ubu ishyaka hi ryose ngo kuri ubu nta kibuza bazatsinda.

Mbese mu by'ukuri rwose usanga hano mu Kampala hari ibintu bidasanzwe dore ko aho ingabo z'u Rwanda zisubiraniye imipaka yarwo hari hampaze iminsi agatuza nta bintu by'ubufana by'impaka byari bicyumvikana.

Ariko rero n'ubwo birata bwose bafite ikintu cyabatangaje cyane kandi kibatera ubwoba cyane, ukuntu Abanyarwanda hafi ya bose bifatanije mu kurwanya umwanzi wabateye, ukuntu bashyigikiye ingabo zabo. Kugeza ubu rero ndemeza ko iyo ntwaro abanyarwanda nibatayitezukaho nabo birata batazabashobora. Ni ibyo nabamenyeshaga ngo mubimenye niba ari byo koko bazasange abanyarwanda muri maso mwiteguye.
Nkaba mboneyeho n'akanya ko kubamenyesha ko n'ubwo inkotanyi zishibuka hano muri Uganda ari naho ziba na Uganda ubwayo izishigikiye. Abanyarwanda bikuremo ko Umunyarwanda wese intambara yasanze aba mu Uganda ari ku ruhande bw'inkotanyi, sibyo bwose hari benshi cyane rwose bashavujwe n'iryo shyano ryawiriye abavandimwe babo. Nkaba rwose ngutumye ubibamenyeshe ko ino aha hari abifatanije nabo mu kababaro, tukaba twabasabira rwose gutsinda burundu amahoro akagaruka tukongera tugasurana.

Murakoze.

Yali Umuhutu uba i Kampala Uganda.

(Mumbabarire kuba narondogoye ni ishavu ryinshi).

Wari uzi ko Singaye amaze kumenya ko dosiye ze zose kuva yavuka Kangura yazibonye yihutiye gushaka abanditswe na Kangura bose ngo bafatanye umugambi na n'ubu utazagira icyo wageraho. None se umuntu wagendanye n'umututsi w'icyitso witwa Gatali Mafene uzwi kuba yalicishije Sebuhoro amugambaniye akamutwara amafaranga yose yari afite ayita aye agatanga ruswa ntihagire icyo bimutwara akongera akiba amadolari y'Umutaliyani iyo dosiye ikaba iri mu Biro byipererereza i Kigali akajya kwiba muri Kenya aho atazasubira mu buzima bwe. None ubwo Gatali ugiye gushikirizwa Ubucamanza bundi bushya niwe uzafatanya na Singaye kurwanya Kangura ? Yewe nabatali bo barananiwe kuko ntawe urwanya ukuli. None se Piyo — Pascal — Gahutu — Jean na Nyina barasetse ? Yewe ACLIR irakomerewe.

Wari uzi ko mu mugi wa Kigali mu bantu ijana bahatuye 80 % ari Abatutsi. Impamvu igihe birukanaga abatagira akazi mu mugi, hagedaga Abahutu gusa. Haho Abatutsi bene wabo bakemera bakabashakira ibyangobwa by'ububoyi. Bikubitiraho n'uko ibyitso by'Inkotanyi byose byafunguwe byose byaje kwirunda i Kigali kugira ngo amahanga abicungire hafi. None se habuze iki ngo Abahutu nabo bakundane batyo ?
Abahutu ni bareba nabi imigi yose iraba iy'Abatutsi maze bo bahere mu cyaro. Ubihakana narebe Kigali, Bujumbura, Kinshasa, Kampala...

Perefe Bizimungu Kosima natabare kuko uwari Bourgumestre wa Komine Mutura akaba yarasimbuwe yiyemeje kurogesha uwari wese uzategeka iyo Komine. nkuko agenda abyivuga aho anyuze hose. Dore nkubu ngo yaba ariwe warogesheje uwamusimbuye ibisazi. Turacyabikurikiranira hafi ukuli tuzakumenya.

Ngo Abajyanama ba Komine Nyamyumba biyemeje kuzakubitira Bourgumestre wabo mu biro Leta nitamuhindura vuba. Yewe Karemera Egide ashatse yasezera mbere y'uko atabwa muri gereza.

Uwitwa Hadji Madjaliwa nawe natuze Kangura ntabwo ikimwanditse kuko bitamugwa neza. Imbere y'umukwe wa Shani. Ahubwo ku Gisenyi uwitwa Shaba na Rasta bita Munyandika Protais nibo bagezweho mu nimero y'ubutaha. Ese koko ibyabereye mu kabare ko kwa Shaba n'ukuri ? Muzatubwirire umugore wa Shaba na Protais ko bagezweho.

Ngo Umucuruzi witwa Mirari yaba yaribye inzu yiyita Uwimana Callixte kandi yitwa Uwamungu. Tuzabitangaza nawe atabwe muri yombi.

SHISHIKARA UKANGUKE!!!

NDEKE GUKERERERWA MU KUGUTAKA KUKO USANZWE UZWI

Ubu nabyukiye kukugezaho iby'umugabo w'umunyamakuru, nako umunyamatiku witwa MUSANGAMFURA, Sixbert usebya rubanda arwiyitirira akajyaho agatinyuka kwandika ibitabaho asebanya, kandi mu muco wacu wa Kinyarwanda gusebanya ari bibi. Aha ndashaka kumubaza icyo apfa na Minisitiri NZIRORERA. Arihanukiriye ati: "Sinzi icyo NZIRORERA apfa n'abanyamakuru". Ese abo wita abanyamakuru ni bande? Abo wita rubanda se bo ni bande? Aho si abakoshya guharabika uwo mutegetsi witwaje ubwo bunyamakuru bwawe? Ese NZIRORERA niwe wenyine wabonye wubatse igorofa (Etage) mu Rwanda? Ko se muri iriya nyandiko yawe hamwe na ba shobuja bakubeshya babyitirira rubanda, mushaka kuvuga ko uriya musebya nta kintu na kimwe yigeze akorera igihugu? Wowe rero n'abo ba shobuja wita rubanda, niba hari icyo mupfa ntabwo ariko agipfa n'abandi bose, kuko abanyarwanda b'iki gihe ntaho bahurira n'aba kera, twese tuzi kwirebera no gushishoza.

REKA KWIHERERANA UMUNTU KARIYA KAGENI

Ni koko inyandiko yawe MUSANGAMFURA, rubanda rugufi twarayicengeye dusanga harimo agasomborotso kenshi. Aha bikagaragazwa n'inyandiko yawe yasohotse mu kinyamakuru ISIBO nº 11, uvuga ko rubanda itigeze igira icyo ivuga ku nyandiko zawe, nawe rero urashyokerwa uti: Reka nikomereze, none se ko ntawe unkomye imbere!

JYA UVUGA WERUYE KANDI NTUKAVUGIRE KURI UMWE

Sinibaza niba ushaka kuvugira agace urimo. Ese muri icyo cyerekezo nta muntu n'umwe ufite umutungo uretse ko bakunda kubishyira kuri ba Sebukwe, cyangwa kuri baramu babo? Kandi n'ingero nazitanga, uretse ko atari cyo cyanzinduye. Ahubwo ndagirango ngucyahe kuko uwo Imana yahaye ntawe umwaka. Kuvuga ngo NZIRORERA afite umutungo mwinshi, wowe rwose warahubutse cyane kuko ahari utazi igihe yarangirije amashuri n'igihe yatangiriye akazi. Ndasanga iyo uza kuba ubizi, uba waratanze ingero zigaragara, mbese warabisobanuye ku buryo burushaho kumvikana. Uzabigenzure rero nurangiza uzambwire uko wabibonye. Ese wowe mubyo ukora cyangwa mu buzima bwawe nta muntu wari waguha KADO (Cadeau)? Kuki se we atayibona? Urebye abo bagiye bakorana bose, ari abadage (kandi urabizi uzi urukundo bagira) ese kuba yarabonye impano y'imodoka akanga kuyigira iye akayigira iya Leta nicyo umuziza? Kuki se n'icyindi batakimuha? Ese NZIRORERA amaze imyaka ingahe ku kazi k'ubuminisitiri? Yamaze se ingahe ku buyobozi bukuru? Jya ubanza utekereze aho kwita rubanda nyamwinshi abasazi kugirango ubone uko ubuzuzamo icyo cyuka cyawe. Kandi hari igihe ibyo bizaba bishaje (vuba aha gato), bitagikoreshwa abe ari wowe ubisigarana wenyine.

EREGA RUBANDA IBA IRORA!!

Ishyari ryawe ni nk'irya wa mugabo wabonye umugore yarikundiwe n'abazungu, baramuhaye ibintu byinshi nawe ati: "Kuki Imana itangize umugore ngo nanjye mbe mfite nka biriya! Hari aho uvuga ngo "uwo NZIRORERA akunze ntatinda kuzamuka" Ntiwatubwira nibura n'umwe utaragize umurava ku kazi ke, ubwitonzi ntibumutere kuzamuka ahubwo akazamurwa na NZIRORERA?

NZIRORERA avuka muri Komini MUKINGO mu RUHENGERI, ntiwatubwira abo uzi yazamuye aho iwabo? Ese uretse gusebanya, watwereka urwandiko BANKI y'ISI (Banque mondiale) yohereje mu Rwanda ivuga ko NZIRORERA afite amafaranga menshi? Ariko gusebanya ko ari bibi mwabiretse... Umva simvuga ko uriya mubyeyi adafite amafaranga koko, ariko urebye igihe yatangiriye akazi wasanga ayafite koko. Hari n'aho wihanukiriye uti "MINITRAPE yacunzwe nabi".

Ni akumiro pe! Hari na rimwe wigeze wumva ko MINITRAPE itigeze ihemba abakozi bayo? Ngo ibyayo byibanze mu karere kamwe, ni ibihe se ko dufite imihanda mu turere hafi ya twose tw'u Rwanda. Ese ye..., burya Kaburimbo iva i Kigali ntice i GITARAMA-BUTARE na GIKONGORO, igasimbuka igahita igera i CYANGUGU? Ubwo ndumva nta n'amashanyarazi aharangwa! Mbega akarenganе...

Uzi ko mwarenganye niba ari uko bimeze? Ariko se kandi niba ibyo byose bihari, ntibyagaragara ko mwahagurukiye guteranya bene Kanyarwanda? Uretse ko mbona mwikoreye uriya, ese wakweruye ntucire amarenga ku muntu umwe gusa? Ese biriya navuze haruguru dusanze bihari byarahageze? Ni nako ejo bundi uzakomeza uti: Telefoni nta n'akanunu". Ese NZIRORERA muri MINITRAPE icyo yagombaga gukorera izo nce uvuga ni ikihe kindi? Aho ntiwagizengo ni umugoronome (agoronome)? Oya. Jye narakubarije bamwira ko yigiye iby'ubwubatsi. Aha rero nkumva ko ariya makomine uvuga yagezemo inzara ya MULICO atari NZIRORERA bigomba kubazwa, ahubwo byagombye kubazwa uriya mwene wacu wagiye mu gihugu cy'Uburusiya.

IBUYE RIRAREMEREYE, N'UMUSENYI NI UMUTWARO, ARIKO UBURAKARI BW'UMUPFAPFA BURUSHA BYOMBI KUREMERA

Ikindi cyagutangaje ngo ni uko yimukanye imodoka byo ariko simbitindaho nabigusobanuriye haruguru, niba utabyumvise uzajye kubaza abayimuhaye. Rero nabonye umusabira kuva ku butegetsi, Ariko uzi ko mumeze nk'abayahudi koko? Yewe, jye simenyereye iby'amatiku kuko ndacyari

mutoya, ariko utayoberwa kuvangura ikibi n'ikiza. Rero ndasanga wowe mwanditsi hamwe n'abakoshya mwari mukwiye koroshya inyandiko zanyu, niba rero ari ukwiyamamaza, mukerura mukabishyira ahagaragara kuko gusebanya ntaho bitaniye no gusenya.

UKO MBIBONA

Niba hari icyo mwatahuye ku muntu, nimugishyire ahagaragara ariko munagaragaza ibimenyetso nyabyo. Reka ngire icyo nongera kukubaza : Ese mu nyandiko zawe ubanza kwitegereza neza ku byo ugiye kwandika, cyangwa upfa gukubita ikaramu uko ubyumva ? Mbere yo kukubwira impamvu nkubajije, ndakumenyesha ko ibitekerezo biri mu mutwe wawe atari ko kuri ndahinduka. Hirya ya biriya byawe hari ibindi bitekerezo utagezaho amaso y'umutima, kuki uhubuka. Nyamara ariko witonze wabigeraho. Kuko kubona wihanukira ukavuga ngo biriya bifaranga yabikuye he! Yari kureka kwiyubakira inzu bikaba aribyo byiza ?

UMWANZURO

Jye icyo nzi ni uko NZIRORERA nta muntu w'iwabo yigeze agirira neza cyaneee, ngo amuzamure mu ntera, kandi niba mbeshya muzagenzure murebe. Naho ibyo MUSANGAMFURA avuga kuri NZIRORERA nk'ibyo kurya ruswa, kurya imihanda, amasosiyete ya Leta numva ari uguharabika, gusa kuko mu gihe cy'umukanda Leta yarushijeho gucunga cyane umutungo wayo. Biriya rero nta kuntu umwe yabinyuramo ngo abure gufatwa. Naho rero MUTSINZI Edouard, MUSANGAMFURA Sixbert bari bakwiye kwerura bakavugisha ukuri, cyangwa se niba harimo ibisazi tukaberekeza aho abandi bari (NDERA).

Ndangije nifuriza abo basebya kwihangana, naho abasebanya bakorohera bagenzi babo.

Akazi keza.

MUGABUSHAKA MFIZI Léonald
C/o Ambassade de l'URSS
B.P. 40 KIGALI

NDLR : Abo iyi nyandiko ireba nibasanga ari ngombwa bazagira icyo babivugaho, kandi ikubiyemo ibitekerezo bya Mugabushaka gusa, ntabwo ari ibitekerezo bya KANGURA.

GISENYI-INFORMATION irasaba abacamanza bose bagize uruhare mu rubanza rwa Singaye André n'abagore be uko ari bane (4). Abana be uko ari 32 + 2 = 34 umutungo we wose yambuwe na Sosiyete yitwa ACLIR. Iyo sosiyete rero Kangura ikaba yiyemeje kuyishyira ahagaragara. Mbese umutungo wa Singaye n'abana bose b'umugore w'isezerano ukavamo igasigarana impapuro gusa. Kangura izavuga akari imurore kuri iyo nkuru izashimisha benshi.

Tuboneyeho no gusaba Mirasano, Buyana, kuzavuga aho bavanye ibyo bemeje mu Rusiko ko naba barabaye uburwayi ku mugore babeshyeraga ntashatse kuvuga.

Tumaze kubona inyandiko zose zigaragaza ruswa yatanzwe n'agatsiko kihishe inyuma ya Singaye kuva 1965-1991.

— Uko Singaye yagiye arongora kuva ku mugore we wa mbere kugeza kuwa kane.
— Uko Singaye afite amarangamuntu anyuranye na Passe-port.
— Uko yagiye akira n'icyo apfa na Gacukiro.
— Uko yagiye atanga ruswa mu manza ze zose ngo abone uko akundwa cyane n'umugore we muto
— Uko akoresha abakozi be bose n'imibereho ye n'abana be bose cyane cyane Gahutu na Jean abana basa na se cyane
— Amafaranga Conseiller na Mirasano na Buyana bariye ngo bemeze ko umugore mukuru yaaze banamurogeshe.

N.B. : Iyi nkuru twitiriye ibindi byihutirwa iri kuri uru rup. ntihagire abasomyi bayifataho ukuri mu gihe Kangura itarabyemeza ku mugaragaro, cyangwa se ngo inzego zibishinzwe zibyemeze ko biriho, gusa icyizwi ni uko za Nkotani zafunguwe zirimo Lando - Sisi bakoze inama biga uko bakwiyamamaza.

Kangura izabisobanura neza ubutaha tubibabwiye kuko ariko bivugwa hanze aha, bishobora kuba n'ibigambo byavuzwe n'ibyitso by'inkotanyi, dore ko zigikomeza gucura impuha.

Ibindi byihutirwa

Mu gihe twari tumaze gutegura iyi nimero ya 18 tubonye amakuru yihutirwa, kandi ateye kwibaza avuga ko mu Rwanda hari intumwa z'inkotanyi zaje kugirana imishyikirano na Leta y'u Rwanda, ihagarariwe na Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga ifatanije na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Iby'iyo mishyikirano n'amazina y'abari muri iyo nama tuzabibagezaho mu nimero yacu y'ubutaha.
Bacumbitse muri Hôtel chez Lando.

NGEZE Hassan

- Uwari Bourgumestre wa Komine Rubavu ngo imbehe ye yubamye yali yiteguye kurongora vuba aho, none abo yari yatumiye bose batangiye kumusubiza invitation ze ngo asange Abarundi aribo bamutwerera. Nabage yifashe niwe wikozeho.

- Wa mugore wanditse muri Kangura No. 1 witwa Uwimana Emeritha muramu wa Nafutari ukora kuri Rwandex-Gisenyi wemezaga ko Yesu yamuvuye Sida aherutse kurongorwa, niba azatera umugabo we mushya iyo sida tuzabigarukaho mu nimero y'ubutaha, birashoboka ko bose bababayifite nkuko Abapasitoro babyihamya, mbabariye umwana bazabyara, yaba bisambaniranaga gusa nkuko bisanzwe. Uwifuza ibisubizo birebire azasome Kangura y'ubutaha.

ABAHUTU NIBAHUGIRA MU MASHYARI Y'AMASHYAKA INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO ZIZABATSEMBA

Abanyarwanda benshi ubu barangamiye ishyirwaho ry'amashyaka menshi ku buryo bamwe batangiye kwibagirwa ko tukiri mu ntambara twakuruweho n'inyenzi-inkotanyi n'ibyitso byazo. Mu biganiro byabo usanga bamwe bavuga ngo bazaguma muri MRND kuko yabahaye umugati, abandi bavuga ko bazajya mu ishyaka rizerekana uburyo buhamye buzafasha rubanda nyamwinshi gutsinda burundu LUNARI yahindutse FPR.

Abategetsi ba MRND iyo bumvise ayo magambo kandi bazi ko MDR igiye kugaruka batekereza ko MDR ishobora kugarukana ubukaka bwo kurwanya LUNARI maze abahutu bose bari gutikizwa na FPR bakayiyoboka. Kubera ubwo bwoba abagishakira imigati muri MRND bakagenda babwira abaturage ko MDR ari ishyaka ry'inkotanyi. Ibyo bigatuma ayo mashyaka yombi arebana ay'ingwe aho kuzuzanya ngo yige uburyo bwose bwo kurwanya abayoboke ba LUNARI bagambiriye guteranya MDR batinya cyane na MRND batesheje umutwe bayisinyisha amasezerano atagira epfo na ruguru i Nsele muri Zayire. Abo bayoboke ba LUNARI bagambiriye guteranya abahutu ngo batemagurane maze babone uko bafata ubutegetsi, bagarure ingoma ya cyami.

Abayoboke b'ayandi mashyaka nabo usanga bashakisha ibintu byose bisebya MRND na MDR kugira ngo rubanda nyamwinshi itayayoboka ahubwo yiyobokere ayo mashyaka yandi. Umuntu yabisesengura neza agasanga ayo mashyaka yose ari mu Rwanda afitanye amashyari kuko arwanira umugeni umwe ashaka gutwara ariwe rubanda nyamwinshi. Uwo mugeni agomba gushishoza kandi akirinda gutendeka kuko natendeka azaba yihemukiye. Niba abamushaka ari benshi agomba kureba uhuje n'ibyo ashaka bishobora gutuma ahora akeye ku mutima aho kwihutira gucya ku mubiri kandi atunzwe n'umwasama ukize ariko ushobora kwibagirwa gukinga maze abanzi bakamwinjirana.

Abashinga amashyaka n'abavugurura ayahozeho bagomba kumenya ko rubanda nyamwinshi ifite umwanzi umwe w'umugome cyane ari we FPR. Uwo mwanzi akaba agambiriye gutikiza rubanda nyamwinshi ari we mugeni umwe bose barambirijeho. Uwo mugeni aramutse acitse amaboko n'amaguru uwazamutwara ntacyo yazamumarira. Aramutse apfuye barira bose. Niyo mpamvu abo bose bashinga amashyaka n'abavugurura ayahozeho bagomba kumurinda inzoka ngo zitamuruma ndetse bakiga n'uburyo bwo kumutsirika maze ibyo kumurwanira basebanya bakabifasha hasi.

Abategetsi b'amashyaka bagomba kujya hamwe bakiga ukuntu bazarwanya umwanzi maze bakamutsinda burundu, bityo mu bintu byose bazakorera rubanda nyamwinshi bakagenda barushanwa kurwanya umwanzi ufite uburyo buhamye bwo kumurwanya akegukana rubanda nyamwinshi. Ugifatafata hirya no hino ashaka umugeni wa FPR ngo amuharike rubanda nyamwinshi akavamo kuko rubanda nyamwinshi idashaka na busa guharikwa umugore w'umwanzi.

Iyo usomye ibyo nanditse haruguru ku byerekeye abo bageni bombi aribo rubanda nyamwinshi n'abayoboke ba FPR wagira ngo ndanga ko impunzi zitahuka. Oya rwose, impunzi zitigeze zifata intwaro ngo zigitere zifite uburenganzira bwo gutahuka ariko inkotanyi n'ibyitso byazo nta mwanya zifite mu Rwanda kuko umugabo nyawe atemera kubana n'inzigo. Izo nzigo zatumariye abasirikari, ababyeyi, abana, inshuti n'abavandimwe zigamije kudutikiza ntitwakwemera kubana nazo. Umutegetsi wakwemera kwinjiza no gushyigikira izo nzigo twamusaba ko yakwegura mbere yuko zigera mu Rwanda.

Impunzi zigomba kugaruka zimaze gusiba mu mutwe wazo ingoma ya cyami n'ibindi bibi bijyana nayo. Tuzamenya dute ko zitagikomeye ku ngoma ya cyami n'ibindi bibi bijyana nayo. Tuzamenya dute ko zitagikomeye ku ngoma ya cyami? Biragoye, bigomba kwiganwa ubushishozi. Bamara kugera mu Rwanda bakakirwa neza, bagahabwa amasambu aho akiri maze bagahinga, bakirinda amahane. Bizarushaho kugenda neza benewabo bari mu Rwanda nibabamenyereza, bakabigisha imiterere y'u Rwanda n'ibibazo rufite. Bityo abatutsi bose bagashyira hamwe bagashyiraho ishyaka ryabo ribarengera kuko bahora baboroga ngo abahutu barabarenganya. Ibyo bizatuma abatutsi bihutiye bongera bagafata ubwoko bwabo kugira ngo bagwize umubare wabo baze muri demokarasi bafate imyanya bakwiye. Bose turabazi ni indashima zihora zishaka kwikubira ibya rubanda nyamwinshi no kunyunyuza imitsi yabo gusa. Nibadasubirana ubwoko bwabo ngo bashinge ishyaka ryabo ntibazongera kutwihishamo mu gihe cy'amashyaka menshi. Kubera iyo mpamvu abayobozi b'amashyaka bagomba gufatanya bagakoresha ibarura ry'abanyarwanda bose bareba ubwoko bwa buri muntu. Ibyo bizatuma tumenya umubare nyakuri w'abatutsi, uw'abatwa n'uw'abahutu aho gukomeza kugendera ku mibare itariyo ituma abatutsi bahora basakuza mu mahanga ngo ni 30% kandi batagezeho. Twizere ko MRND ivuguruye izemera kwitandukanya na LUNARI maze ikemera ko tugendera ku mibare y'ukuri yerekana abantu bagize buri bwoko. Twasanga abatutsi bageze kuri 30% koko bagafata imyanya ihwanye na 30%.

Abayugurura MRND na MDR bagomba kumenya ko hari abayoboke ba LUNARI bokamwe n'uburyarya n'ubugome bashaka kujya muri MRND bagambiriye gushuka abategetsi bayo ngo bange, MDR maze ayo mashyaka yombi akomeye yamara kwangana abo bayoboke bagasubira muri LUNARI yahinduye FPR bakabona uko bagarura ingoma ya gihake. Ibyo bigomba kubera isomo abayoboke ba MRND n'abayoboke ba MDR maze bakirinda amashyari ahubwo bagashaka ukuntu bahuriza hamwe maze bakuzurira ku mwanzi.

Inama nagira abahutu bose n'abatwa bose niyo kwibumbira muri MDR inkotanyi zitinya maze bakayigira Parmehutu mu bitekerezo no mu bikorwa bizatuma batsinda ourundu LUNARI. Muri uko kurwanya LUNARI abahutu bose bagomba kumva ko akarere batuyemo atari ko ngombwa ahubwo ko icya ngombwa ari ubuhutu bwabo kuko aribwo bwabahuje, bubahuje kandi buzabahuza. Yego ahari abantu hanuka urunturuntu niyo mpamvu bagomba kubanza gutsinda umwanzi nyuma bakabona gukemura utubazo bafitanye. Nubwo abatutsi babonye batangiye gutsindwa bagashaka kutwumvisha ko ubwoko ntacyo bumaze ndetse bagaharanira ko twabwita isanomuzi, baratubeshya kuko bose baziranye nibamara kwica abahutu bose bize bazakora nk'i Burundi.

HATEGEKIMANA J. Baptiste
Kigali

IBYO MUSEVENI N'INYENZI ZE BARIMO MURI IKI GIHE BITEYE IMPUNGENGE

Tuvuge tubisubire, Inyenzi-Nkotanyi zishyigikiwe na MUSEVENI. Ibyo ni ibyagiye byemezwa n'inyenzi ubwazo, ari izahisemo kwishyira mu maboko y'ubutegetsi, ari izafashe icyemezo cyo gucisha ukubiri n'Inkotanyi, ndetse na MUSEVENI ubwe. Amagambo Museveni yavugiye ku kibuga cy'indege cya ENTEBE, avuye i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika tumaze icyumweru kimwe dutewe ariko atazi cyangwa se atari yemera ko RWIGEMA yatinyaga, BAYINGANA wari Umuganga na BUNYENYEZI wari umunyamayeri (stratège) bamaze hafi icyumweru cyose bashokwa n'inkongoro mu karere ka Matimba arabigaragaza bihagije. Icyo gihe ngo yabwiye abanyamakuru mu rwongereza ngo "I know my boys", aribyo bishaka kuvuga ko abasore be arabazi kandi akaba abizeye! Ay'ubusa. Urucira muka so rugatwara nyoko, kandi Imana Rurema yirirwa ahandi igataha i Rwanda, kandi birengagizaga ko u Rwanda rutera ariko rukaba rudaterwa. Koko rero urupfu rw'izo nyenzi za kagarara rwaciye icyuho muri izo nyangarwanda, ruca umugongo icyitwa Inkotanyi cyose aho kiva kikagera. Mwibuka namwe ukuntu abenshi twishimiye umunyamakuru Yohani Batisita BAMWANGA wo kuri Radiyo amaze kutugezaho iby'uwo mubisha wanga ababyeyi n'ibibondo wanamye ku ka SEBATANGA mu Mutara.

Rero ngo abatutsi b'abatesi n'abaterambabazi bategereje ko Rwigema azazuka! Nibakomeze bategereze! Se ubwo Museveni we yamaze igihe kingana ki mu cyunamo? Cyangwa nawe yariruhukije ati "ndabakize" dore ko yabatinyaga kubi, bigakubitiraho n'uko yari yarabasezeranyije kuzabagororera u Rwanda nk'aho ari urwa se.

Ntawe uyobewe ukuntu Museveni arindagiza abahagarariye ibihugu byabo i Kampala, buri gihe iyo bamusabye kwiyizira ku mupaka bakirebera iby'ubufatanye bw'inyenzi n'ingabo za NRA izo nyenzi zose zahozemo.
Mwari muzi uko bigenda?
Abatekera umutwe, akohereza intumwa z'abasirikare ba NRA hakiri kare muri Kigezi na Ankole, uturere duhana imbibi n'igihugu cyacu, ubwo inyenzi zose zikambikwa imyenda ya NRA, ba Badiplomate bahagera, abategetsi ba Uganda bati "ni ingabo zacu zirinze umupaka" kandi ari inyenzi butwi. Icyakora kandi iby'amahirwe ngo abenshi muri abo Badiplomate barangije gutahura amayeri y'uwo muhima.

Iyo umuntu asesenguye amagambo yavuzwe n'inyenzi SAFARI Jean Bosco yishyize mu maboko y'ubutegetsi bw'u Rwanda, agasesengura n'amabanga yashyizwe ahagaragara na BARAHINYURA wafashe icyemezo cyo gucisha ukubiri n'Inkotanyi asanga hari ibyo dukwiriye kwitondera bidusaba kurushaho kuba maso.

1. Ntibyumvikana kubona abayobozi b'abasivire bo muri Uganda ku mupaka bita ba "Chariman"= abatware mu ntebe, bayobora inzego z'ibanze barahawe imbunda kuri ubu kandi bakaba bahabwa imyitozo ya gisirikare kabiri mu cyumweru. Ibyo kandi ngo barateganya kuzabigirira abanyawuganda bose batuye umupaka, abagabo n'abagore ndetse n'abana. Ubwo se ibyo byose si ibigamije kutubuza amahoro? Bikorwa se Museveni atabizi?

2. Inyenzi zivugira ko zagombaga kwigarurira u Rwanda rwahoze rurangwa n'amahoro ngo Museveni akiyobora OUA. Ko agiye se gusimburwa, azemera ahazwe na Uganda gusa nayo yamunaniye cyangwa se azakomeza wa mugambi we wo kugarura ingoma ya cyami na gihake twe twasezereye kera. Museveni ni inyangamugayo, ibihembo azabihabwe na Alice LAKWENA. En tout cas si we wagombaga guhemukira Général!

3. Inyenzi ziyemereye ko zatsinzwe ku rugamba rw'intambara y'amasasu ndetse n'iy'amagambo zari zarashoye mu bihugu by'Inshuti zibifashijwemo n'abazungu batunze abatutsikazi (abakwe b'abanyarwanda yooo ! ! !), none ngo ahasigaye akaba ari aho gushakishiriza mu binyamakuru no. mu mashyaka. Uwavuga ko hari ibinyamakuru bikorera inyenzi ntiyaba abeshye. Nawe se umuntu yegure ikaramu nta soni, yandike ari mu Rwanda avuga ko rwamubyaye, yandiko ko inyenzi ari abagabo?! Afate izina abapara biherewe na rubanda (ABANA B'IMANA) maze arihe inyenzi koko? Igihugu kitica imbwa koko cyorora imisega. Ibi byo biteye agahinda peee ! Birenze ukwemera ! Se ubundi abadepite bashyizeho vuba itegeko rigenga Itangazamakuru abashizi b'isoni n'inkunguzi bagahabwa akato, maze hagasigara abanyakuri n'abahanuzi. Kandi KANGURA ihora ibibabwira, ibi nabyo nibidafatirwa icyemezo, tuzibuka ibitereko twasheshe.

Ibinyamakuru bikorera amashyaka nabyo birahari. Ntawabirwanya, ariko nibireke gushotorana no gushaka gushegesha inzego z'ubutegetsi ari nako bikurura umwiryane mu gihugu. Ariko se ye, iyo bizikura ibya kera, bivuga abishwe n'indwara n'abishwe na za gisida, se ubwo biba bisana imitima y'abanyarwanda cyangwa biba bitoneka inkovu? Gutoneka inkovu rero bicishije ukubiri n'imigambi myiza yo gusana imitima y'abanyarwanda muri ibi bihe bikomeye turimo. Se ko bavuga ko batanze amafaranga ngo bakore ibi, kuki ayo mafaranga atatangwa kugira ngo bandike ibi? Se iyo bimwe byikoma Ruhengeri n'abanyagisenyi, biba byirengagije Gitarama yo muri za 70 yategetse idasangira? Ubuze icyo atuka inka... Uwo twese turwanya n'umwanzi n'ibyitso bye. Si umukiga si umunyanduga yewe si n'umututsi dore ko bavuga ibigoramye imihoro ikarakara. Yewe koko nta munoza. Koko abatutsi nibo bari bakwiriye kuvuga nabi Republika ya Kabiri.

Ngaho nibongere bikururire MDR Parmehutu.

Umwanzuro waba uwuhe?

Tugomba kureba amagambo atuma imitwe ishyuha tukavuga ibyo tuzi kandi mu kinyabupfura kiranga umunyarwanda uwo ari we wese, cyane cyane umunyamakuru ushaka kugira icyo ageza kuri rubanda.

Tugomba kubaha rubanda.

Amategeko agenga itangazamakuru arihutirwa kugira ngo twirinde akajagari muri ibi bihe bitoroshye. Hakwiriye n'Ishyirahamwe ry'abanyamakuru ku buryo bwihutirwa, ukosheje rikamuhana kuko n'ahandi niko bigenda. Museveni tugomba kumurega muri ONU no muri rwa rukiko mpuzamahanga rw'i la HAYE mu Buhorandi. Nta kindi, naho ureke ibya Amnisty International yirirwa isakuza ngo inyenzi n'abatutsi bararengana igafunga amaso imbere y'amarorerwa yo kwica!

AHO BUCYERA AMASHYAKA MENSHI ARAHESHA UBUTEGETSI ABAHUTU I BURUNDI

ITANGAZO RY'UMUGAMBWE "PALIPEHUTU"

Barundi; Barundikazi; twebwe Abahutu n'Abatwa, turazi ko tumaze imyaka n'imyaka ducurwa bufuni na buhoro bitewe n'uko Abatutsi badashaka ko twobaho neza nkabo hano mu Burundi. Kugira ngo tumare iyo myaka yose mu gahotoro ni ukubera ububeshi, uburyarya n'ubwiyorobetsi bw'abatutsi bama bakoresha bashaka ko twebwe Abahutu twimaranira. Abarutse hambere ntibayobewe ukuntu Abatutsi babeshe Abahutu mu 1961, aho Afrika yariko irashaka kwikukira. Muri ico gihe Abatutsi bakoresheje uburyarya bukomeye bahenda Abahutu ngo banke umugambwe wabo "P.P." ngo bashigikire "UPRONA", umugambwe w'abo batutsi nyene wari urongowe na RWAGASORE Ludoviko. Ubwo bitewe n'uko Abahutu b'incabwenge bari bashinze uwo mugambwe "P.P." batawusiguriye neza Abahutu ba Nyarucari



ngo babumvishe neza ko ari uwo kubakura mu buje bw'Abatutsi. Abo Bahutu ba Nyarucari barawanse birorera muri "UPRONA", itsinda gutyo. UPRONA imaze gutsinda, Abatutsi barawishimikije batangura kwica Abahutu bose bakuru-bakuru kuva 1964-1965, 1969, 1972, 1979, 1988 kugera n'ubu. Niho kw'igenekerezo rya 18/04/1980, Nyenicubahiro GAHUTU Remi abonye biteye isoni mu bwoko bwacu, yashinze umugambwe "PALIPEHUTU". Abahutu n'Abatwa twese turiruhutsa. Abatutsi bo baciye bashangashirwa bararwanya bimwe bikomeye umugambwe wacu "PALIPEHUTU" kugera aho bice Umukuru wawo. Bamugandaguriye i Dar-Es-Salam muri Tanzaniya kw'igenekerezo rya 17/08/90. Buyoya yumvise GAHUTU Remy yaryamiye ukuboko kw'Abagabo, yaciye yiruhutsa. Ariko ivyo ntivya-

tuvunye inkokora n'ubu turabandanya gukurikiza ivyiyumviro vyiwe.

Ubu muri kino gihe Abatutsi bagaruye wa mutego badutezе mu 1961 tukimika UPRONA ukaronka intebe y'icubahiro mu Burundi no mu mahanga kubera ukujujuta kwacu. Nkuko Major Pierre BUYOYA yashize imbere muri UPRONA Abahutu nka MAYUGI Nikola n'abandi, niko abandi Batutsi bashize imbere Abahutu mu karwi kitwa FRODEBU ngo babe ari bo baseruka, maze dushwiragire, twicane canke dusubire gutsindisha umugambwe wabo. Dutegerezwa kumenya rero ko abakuru nyakuri ba FRODEBU ari Abatutsi, gutyo rero ukaba ntaho utaniye na UPRONA. Ibipfamutima vy'Abahutu Abatutsi batuma ngo biseruke muri FRODEBU ni n ka NDADAYE Merchior, NYANGOYA Léonard n'abandi. Ubwo buryo bakoresha bwo kudutega ni nk'ubwo abazungu bo muri Afrika y'epfo bakoresha mu gusambura ANC, murabona rero ko Abatutsi ataho bataniye n'abo bajenjeka b'abazungu ba Afrika y'epfo.

Barundi; Barundikazi; Rwaruka; duhagurukire rimwe twese mu kurwanya abo Bahutu bose ba "BANYAMURYABABO", tuberekane hose kugira ngo umuhutu wese abamenye ejo hatazogira uwo basubira guhenda. Tubandike tubakwize hose babe ba ruvumwa mu gihugu cose no mu mahanga, n'abavyeyi babo bazomenye ko bibarutse ibipfamutima ataco bazobamarira kiretse guhemukira ubwoko bwabo. Tubateshe batandukiza abandi ako kabi kabishe, bazoteterwe baburanirwe. Maze amaraso ya bene wabo azobahame aho bari hose kugeza gupfa.

Barundi; Barundikazi; Rwaruka; biratangaje kubona umu PALIPEHUTU ahigwa bukoko, kandi PALIPEHUTU ashyigikiye ari umugambwe wishimikije umugambi w'ubutungane kuo ari bwo buzosasagaza amahoro mu ba nyagihugu bose; ivyo bikazoshoboka ari uko Abahutu n'Abatwa bavanwe mu buja bw'Abatutsi bishimikije intwaro "KARYANISHAMIRYANGO" y'agahotora n'ubugunge. Kubona lero UPRONA uhiga PALIPEHUTU ugaha FRODEBU aho ikorera inama birerekana ko iyo FRODEBU ari ishami rya UPRONA. Abo Bahutu bo muri FRODEBU bishimikiza ibibanza bahawe muri leta ntutsi bahemukira abanyagihugu batobato aho kuduserukira, botegerejwe kumenya ko n'ivyo bibanza ari twe babikesha, kuko PALIPEHUTU itarabaho ngo ize isemerera nta muntu yaronka n'agashitwa mu ntwaro y'Abatutsi nk'uko ubu bipfuye kumera. Abo Bashikiranganji b'Abahutu n'abandi Bahutu baronse ibibanza hejuru muri leta no muri UPRONA bamenye ko Abatutsi babahaye ivyo bibanza kugira ngo babeshe amahanga ko bakosoye ivyo PALIPEHUTU idasiba kubarega ko bigungirako ibintu vyose bifasha umuntu kumererwa neza mu gihugu ciwe. Nico gituma bene kuronka ivyo bibanza botegerejwe kubikoresha bavugira ubwoko bwabo bugicurwa bufuni na buhoro aho kuduhemukira badufatisha badufungisha.

Barundi; Barundikazi; Rwaruka; ikindi kintu kiduteye umutima uhagaze ni itahuka rya bene wacu b'Abahutu bari bahungiye mu mahanga. Koko rero muri iyi minsi tugize iminsi tubona abavyeyi, abavandimwe nibahunguka. Benewacu muri hanze y'u Burundi, muri uru rugamba turwana, Abatutsi bari batanguye kubona ko intwaro y'igihugu bagize iyabo bonyene, bukeye boyisangira n'Abahutu vyanse bikunze bitewe cane cane na mwebwe mwashoboye, kandi n'ubu mukiriko, kugeza ivyiyumviro n'akarenganyo k'Abahutu mu makungu. Nico gituma BUYOYA akora uko ashoboye kwose atangaza amahera menshi, ngo mwice canke babatahure ku nguvu. None inyungu Abatutsi bafise muri iryo tahuka ni iyihe?

— Ni uko igihe muzoba mubegereye bazoshobora kubica igihe cose bashakiye n'uko bashatse.
— Bizatuma amakungu abona neza iyo ntwaro izoba ishoboye gutahura impunzi mu mahoro naho zizoba ziri ku rushi.
— BUYOYA azoba agize imana kuko zitahutse ata masezerano agiranye nazo.
— BUYOYA azoba aronse ivyo abeshesha abanyagihugu n'amakungu ko ari we wenyene ashoboye butahura impunzi, akaba atunganije ico kibazo cari carananiye abandi, noneho amakungu aca amuha za miliyaridi 7 yigurira inkoho zo kuduhanya ata n'uwukiri hanze ngo apfe gusemerera. Abo bahunguka rero bibuke wa mugani wa BAGAZA ngo "NTAWUGARIRA ZOSE ZITARATAHA". Vyoba byiza abahutu bahunguka bibutse kandi ko impunzi zandikiye BUYOYA akatari gake kugirango bigire hamwe ikibazo c'impunzi, akica amatwi, ariko bikarenga agafasha ibi biboneka Inyenzi-Nkotanyi gutera u Rwanda. Mbega ico mubona coba carahindutse hano mu Burundi catuma mutatenyenya gutahuka ni igiki? Mbega ntimuhora mwumva ingene bigenda mw'itahuka ry'impunzi z'ahandi? (Rwanda, Etiyopiya, Sudani, Afrika y'epfo n'ahandi).

Nimutenyenye habanze habe amasezerano mugirane na BUYOYA nk'uko ahandi bigenda. Mbega mumaze kwibagira uko Abatutsi bateye? Erega ntibarahinduka. Noneho vyarunyutse kubera PALIPEHUTU, bafise ishavu ryinshi kuko uyu mugambwe babona ushaka kubakura amata mu kanwa. Bene wacu, egome turazi ko mugorewe mu mahanga ariko mukwiye gutenyenya tukarushirizaho kubarwaniriza hamwe twese. Bahutu mwahungiye mu mahanga mwibuke uyu mwibutsa ngo "HAGUPFA WOZANZAMA". Twebwe turi ino turazi neza ko Abatutsi babanyotewe, kandi birumvikana kuko mwatanguye kubarwanya bimwe bikomeye mu gushira ahabona ibibi vyose badukorera, none amakungu akaba atanguye kubahinyura. Mwarabarwanije kandi mukubona mwarashize mu banyagihugu Umuhuza w'Abahutu n'Abatwa, none UPRONA yabo bakaba bawusigayemo bonyene, hamwe n'imparurwa z'ibipfamutima vy'Abahutu.

Barundi; Barundikazi; Rwaruka; ubugabo burihabwa. Ntimubona ko Abatutsi bagenda bazibukira ibibazo vy'ubu, kugirango bakomeze gutsimbatara ku ntwaro. Duhaguruke twese, ntiturambirwe. Ntimwumva uko abandi banyagihugu bafatanije uko babigenza hirya no hino, aho muri Zaïre; Gabon;

Benin; Kameruni; Kongo; Afrika y'epfo n'ahandi. Abanyagihugu bo muri ivyo bihugu barahagurutse baremeza imigambwe myinshi. Utu ni utororero tworabirako kugirango natwe dukomeze urugamba turimwo gushika dutsinze. Abihutiye guhunguka ubu bamwe baripfuza gusubira guhunga batakibishoboye, abandi nabo bariko baricwa n'imbeho n'amacinya mu makambi. Hari n'abakubitwa bakanicwa. Abipfuza gutahuka lero, ngivyo ivyo mwirukira. Iyaba mwari muzi natwe ayo tugowe.

TUGIRE PALIPEHUTU.

Bujumbura, igenekerezo rya 20 ndamukiza 1991.

BASOMYI MWITONDE

Ishyaka M.D.R. ngo ryaba ryariyemeje gukora uko bishoboye ngo risebye ibyegera bya Prezida Habyarimana ibyo biragaragazwa n'ukuntu uwitwa Eliyezeri Niyitegeka ushinzwe kuvugira iryo shyaka yiyemeje kujya afunga 30.000 Frs ku kinyamakuru cyose kizajya kivuga M.R.N.D. nabi. Niyo mpamvu usanga ISIBO — IKINDI — n'ibindi binyamakuru byarahagurukiye gutesha agaciro abakorana na Perezida Habyarimana. Mwarabibonye kuri Nzirorera na Nyirasafari ubwo wenda hali n'abandi bategetsi bizatesha agaciro. Murabe muri maso kuko mubimenye hakiri kare.
Ibyo Kangura yatahuye kuri Eliyezeri nashaka kubihakana azatwandikire tubitangaze. Ese iriya tracte isebya ubutegetsi nayo azahakana ko atayikoranye na Nzambonimpa mukuru wa Lizinde ubu ubarizwa mu inkotanyi ?

Ingorane ziba nyinshi ariko wa Murundi wategekaga Komine Rubavu we izo yabonye zingana nizo Nyakwigendera Nzabandora yahuye nazo ubwo yitabaga Imana adasomye Kangura irimo ukuntu yarigishije umutungo wa Leta.
Nta kabuza ariko abandi bazabisoma, kuko murumuna we Bourgumestre wa Komine Nyamyumba igisambo gikomeye ashobora kuzawuriha; awukuye mu mutungo wa Nyakwigendera kandi none ngo yaba yitegura gutanga amafaranga yose ya Komine bibye mbere y'uko atabwa muri gereza.
Gupfa ntibigatume uwarigishije umutungo wa Leta yibwira ko awuheranye. Ibyo Nzabandora yibye birazwi. Ibyo asize bizahabwa Leta nabyo birazwi. Abo bisigaranye murarye muri menge.

REAJUSTEMENT DE LA REFORME SCOLAIRE: ETAT D'AVANCEMENT DEFECTUEUX, SOMBRE PERSPECTIVES

Le réajustement de la réforme scolaire a été officiellement adopté par les instances habilitées (Congrès Préfectoraux, Comité Central du MRND, Gouvernement).

Déjà en janvier 1991, le texte définitif était ratifié par le Comité Central du MRND.

Ce qui semble curieux est que, jusqu'en Mai 1991, il n'existait aucun texte relatif aux mesures d'application du programme que le Ministère devrait avoir élaboré.

Partant, le public et surtout celui directement concerné par l'exécution du programme (Enseignants, Directeurs d'Ecole, Inspecteurs d'arrondissement, congrégations religieuses, ONG...) se trouve dans le doute au moment où le calendrier de mise en oeuvre doit démarrer dans trois mois.

Dans le même ordre d'idées, les textes légaux et reglémentaires régissant l'enseignement primaire, secondaire et professionnel n'ont pas encore été modifiés.

Voici un exemple parmi d'autres qui montre que le programme de réajustement de la réforme scolaire ne pourrait démarrer avant la modification des textes juridiques régissant l'enseignement.

La loi nº 14/1984 du 29 juin 1985, portant organisation de l'Enseignement primaire, rural et artisanal integré et secondaire indique par exemple :
Article 40: L'enseignement primaire dure 8 ans et comprend trois cycles :

* Le Cycle d'alphabétisation qui va de la 1ère à la 3ème année;
* Le Cycle d'enseignement général qui va de la 4ème à la 6ème année;
* Le Cycle de renforcement des connaissances en langues officielles et d'initiation aux travaux pratiques qui comprend la 7ème et la 8ème année.

Article 47 : L'enseignement rural et artisanal integré est à cycle unique et dure trois ans après la 8ème année primaire.

D'autre part, compte tenu de l'admission en 1ère année secondaire des 7ème années (10 %) et des 8ème années (10 %), l'extension physique des écoles secondaires est prevue.
Cela est normal car les infrastructures scolaires actuelles ne pourraient accueillir un effectif double en 1ère année.

Hélas, au moment où nous mettons cet article sous presse, aucun indice ne montre l'évolution favorable du dossier car dans aucune école, les travaux n'ont commencé. Quand bien même les travaux commenceraient en juin, l'échéance de trois mois et courte pour les terminer.

Cela rappelle avec amertume, les promesses de construction et d'équipement des écoles tenues par le Ministre en Avril 1990. A ce moment-là, les services techniques du Ministère avaient finalisé le dossier et départagé les fonds entre les écoles.
Les hésitations du Ministre ont fait que l'année scolaire 90/91 commença sans que les fonds aient été débloqués. La guerre vint et puis la dévaluation. Une classe qui aurait dû coûter 1 million de francs en nécessite aujourd'hui plus du double.

Tout ceci concourt à exacerber les inquiétudes de la population que le Ministre devrait se hater d'apaiser.
Quoi qu'il arrive une échéance de trois mois ne suffit pas pour construire et équiper des classes dont le programme a besoin. Ce qui laisse présager un échec du programme ou en tout cas un début incertain.

Le MRND duquel émane ce programme trouvera-t-il des justifications pertinentes à donner à la population ?
En tout cas cela constitue un handicap voire même un acte d'antipropagande pour ce parti qui doit affronter d'autres formations politiconcurrentes à court terme.

Un problème de prise de décision.

L'on ne le dira jamais assez: La prise de décision constitue un des

éléments très important du processus de gestion. Malheureusement, pour certains responsables, décider avec pertinence et opportunité constitue un lourd fardeau.

Comment expliquer sur les diplômes des lauréats du secondaire pour la promotion 89/90 soient signés en Avril 1991 (10 mois après la fin de l'année scolaire) et cela après que la mauvaise méthode de travail du Ministre ait été publiée dans un journal.

Aura-t-on mesuré les conséquences d'un retard aussi flagrant? Peut-on prétexter une surabondance de charges assumées par le Ministre? Non, car dans ces conditions, la statégie de travail doit utiliser le critère "Priorité". Pire encore, certains diplômes ont été sélectionnés et signés sur on ne sait quel critère !

C'est ainsi que les enfants des connaissances du Ministre (boursiers à l'étranger, à l'Institut Saint Fidèle... ou candidats à l'emploi) avaient des diplômes joliment signés.

Comment caractériser un acte d'un homme qui consiste à prendre un paquet de diplômes d'une école X, d'en retirer une copie appartenant à un enfant Y, d'une famille Z, de l'ethnie T et de la région P, de le signer séparément et de le transmettre confidentiellement au récipiendaire, sachant que, malgré tout, la nouvelle sera connue. C'est de la mesquinerie sèche mais il faut également être cynico-sadique.

Cet acte, à mon avis irresponsable entraîne des conséquences qui se répercutent aux élèves finalistes et leurs parents d'abord, ensuite à la gestion de la chose publique.

Ainsi les lauréats non préférés ne purent constituer entièrement, les dossiers de demande de bourse d'Etudes ou d'emploi alors que, Oh paradoxe, certains d'entre eux choisis par amour ou par hasard présentaient des diplômes au bureau de bourse ou à l'employeur !

Me dira-t-on que les lauréats sans diplômes signés avaient des attestations de réussite? Celles-ci ne seraient valables que si tout le même cohorte en avait pour seule pièce. Sinon, il est impossible de justifier qu'un lauréat présente une attestation de réussite alors que ses promotionnels et surtout ses collègues de classe possédent des diplômes.

De toute façon, plusieurs élèves ont été victimes de la situation surtout ceux qui étaient candidats aux études dans les universités étrangères ou ceux qui devaient briguer une place d'emploi. Oh pardon ! Ceux qui devaient aller étudier à l'étranger sont partis avec leurs diplômes signés. Ceux dont les diplômes n'étaient pas signés ne devaient justement pas partir.

Ne pas signer les diplômes des lauréats ou les signer tardivement entraîne aussi des répercussions financières tout aussi frappantes.
En effet, le nombre des lauréats de l'école normale technique et de l'école normale primaire est estimé à 800 pour l'année scolaire 89/90 faisant presqu'autant d'instituteurs pour 90/91.

Or, lorsque l'instituteur commence le service avant la signature de son diplôme, le Ministère lui octroie, en guise de rémunération autour de 11.000 Frs.
En calculant sur 9 mois (septembre-avril) et sur un effectif de 800 instituteurs, le Ministère doit payer aux instituteurs des arriérés qui s'élèvent à peu près à 43.200.00 Frw.

Pensez dès lors à l'état d'exécution du budget alloué au Ministère ! Les agents ainsi sous payés, frustrés, peuvent-ils réaliser de bonnes prestations pédagogiques et professionnelles? L'exemple du Chef de faire traîner les dossiers ne serait-il pas de nature à influencer négativement les agents sous ses ordres, sclérosant ainsi un département assez lourd et tout à fait inéfficace.

Ou une question de complexe de supériorité.

* "J'ai un doctorat en planification"
* J'ai été professeur d'université"
* J'ai été vice-recteur de l'université".

Voici les maîtres-mots du chef comme pour signifier que, à postériori, il maîtrise tous les dossiers.

A vrai dire, le Ministre surnommé "Pasteur" par ses intimes est un homme logorrhéique, habitué à monopoliser la parole, prenant les décisions excathedra, en faisant fi de l'auditoire.

De plus, les réunions du "Pasteur" sont exactement des séances de prédication pastorale où le timing constitue le cadet des soucis d'un pédagogue qui sait pertinement que certains membres de son auditoire proviennent des régions lointaines.

Malgré ce complexe de supériorité que le chef affiche devant ses subordonnés, les agents qui ont été sous ses ordres l'accusent plutôt d'indécis, d'orgueilleux et de vexateur. Les étudiants et les professeurs qu'il a dirigés à l'UNR Nyakinama peuvent en témoigner.

Tenir de fausses promesses.

Le Ministre de l'Education Nationale aime faire des promesses qu'il réalise rarement.
C'est aussi un complexe de supériorité, histoire de faire croire qu'on est capable de tout. Lors des réunions, le Ministre promet que tous les problèmes lui posés seront favorablement examinés. Mais dans la suite les promesses tenues se perdent dans la paperasse.

Daniel aurait-il le goût de décevoir? Sinon comment tolérer que même les promesses tenues devant les gosses (élèves) ne sont pas réalisées.

Par exemple, le problème de déséquilibre ethnique à travers le personnel administratif des écoles secondaires (Directeurs, Préfet des Etudes, Intendants, Préfets de discipline) est flagrant. Lors des tournées du Ministre dans le cadre de la sécurité dans les écoles secondaires, cette question a été plusieurs fois soulevée par les élèves et le Ministre a promu d'y apporter une solution appropriée. Où en est-il? Wait and see !

Quoi qu'il en soit, l'issue de la solution de ce problème est capitale est la sécurité durable dans les écoles en dépend.

Une autre situation décevante sera sans aucun doute celle des élèves ressortissant des communes ravagées par la guerre et qui ont passé l'examen officiel. En effet, la plupart des élèves de ces régions ont fait une année scolaire blanche et n'étaient pas dans les conditions de subir le concours national. Et si malgré tout, certains d'entre eux réussissaient — par équilibre ou par pitié — seront-ils capables de suivre les études secondaires ? Non. A Daniel de trancher.

Des dossiers qui s'entassent.

Un visiteur indifférent pourra constater une multitude de dossiers entassés dans le bureau du Ministre. Certains de ces dossiers en décomposition datent de l'investiture du Ministre c-à-d depuis trois ans.

Pourtant les services techniques qui peuvent expédier ces dossiers sont souvent en chômage déguisé. Voilà un autre défaut qui entrave la prise de décision dans ce ministère.

Le docteur en planification peut-il ignorer les notions élémentaires de management notamment les principes d'organisation du travail et le cycle de direction. Non, ça tient à autre chose !

Qu'un pédagogue dirige le département de l'Education, c'était le souhait de tous. Malheureusement les professionnels de l'Education sont déçus. Devant qui iront-ils verser leurs larmes maintenant qu'un des leurs les a bernés ? Les dossiers administratifs et financiers des enseignants du primaire et du secondaire (avancement de grade, régularisation des salaires, les ordres de mission...) ont-ils été jetés dans les poubelles ?

Finalement, il est opportun de se demander sur quoi tiennent les insuffisances de cet universitaire :

— Est-ce la mauvaise volonté? Je ne sais.
— Est-ce la complaisance ? Je ne sais non plus.
— Est-ce la complicité ? Peut être.
— Est-ce l'incompétence? Assurément.

Car de plus en plus, l'homme de la rue remarque que la compétence d'un individu n'est pas nécessairement proportionnelle au poids de son parchemin.

En tout cas, le tempérament de cet "érudit" va absolument influencer d'une manière ou d'une autre le programme de réajustement de la réforme scolaire.

Lecteur de Kangura
N. E.

UMUHOTOZI NIYITEGEKA Eliezer NIWE MDR YASHYIZE KU ISONGA MU ITANGAZAMAKURU



Abenshi cyane cyane abanyakibuye babonye Niyitegeka Eliezer mu gihe yiyamamarije ubudepite no mu yindi minsi mikuru bamwerekana bati nguwo imena Niyitegeka Eliezer wanyu mwahoze mwumva no kuri Radio-Rwanda. Babasobanuriye ko yize akaminuza ndetse agahahira ubwenge no mu mahanga iyo muri za Rumaniya. Ariko ntibababwiye ko ubuhotozi bwe bwari bugiye guhitana umwe mu bana bu Rwanda butaretse no kwanduza isura y'u Rwanda iyo mu mahanga. Muti byagenze bite:

Urebye uko uwo mugabo yifashe, ari mu bwenge ari mu bigango, ari mu gushaka ifaranga ntacyo wamunengaho. Ariko iyo umwegereye mugashyikirana, mukaba...

ubwenge amub...
kuko uburakari...
Muzi neza ko p...
iyo gucudika n'...
bora kudufasha...
amoko menshi...
Bourse, abanyar...
gurira yo. Iyo u...
iyo Bourse asa...
azatuberayo twe...
mbese nka Amb...
kikamenyekana,...

Niyitegeka E...
ajya kwiga muri I...
baturata, asiga...
buteye isoni. U...

Imana ni ugeni mu mahanga akahasanga mwene wabo. Eliezer nawe yagize amahirwe agezeyo ahahurira n'abanyarwanda, bariga, basangira akabisi n'agahiye ariko ntibamenye ko mugenzi wabo babana umujinya ari wose. Kubera iki? Impamvu niwe uzizi ariko ngo na Rwabugiri icyamujyanye gufungirwa mu Rutare nticyari cyoroheje. Niyitegeka yize nk'abandi ahabwa Diplome, uwo munsi akora ibara. Nkuko bigenda nyuma y'iyo mihango cyane cyane ko umunyamahanga we aba ahita azinga utwe agataha, habaye umuhango wo kwishima no gusezeranaho. Ubwo ari abazungu, abazungukazi, abanyafurika n'abanyarwanda n'abandi bari batumiwe, bafata amazi. Sinzi niba igihe cy'ubwigenge cyarabaye kirekire kuko Niyitegeka yaketse amababa mugenzi we w'umunyarwanda ukomoka muri Byumba witwa Pragmas ubarizwa muri Minitransco, intimba iramufata umujinya uramuzenga. Ati nubwo ntashye sha, kiriya gituku cyanjye sinkigusigira. Yabonye igihe cyo gufata indege cyegereje ati "mon frère", muvandimwe ngwino ngire ibanga ngusigira. Reba nawe umusore amaze guhaga amazi. Yamujyanye mu cyumba, ubwo aramutonganya, bibaye umwaku nta n'umuntu uhari wabakiranura. Yamuteye ibyuma n'ibyuma umugabo aranoga, amusiga ari intere, afata utwe arahambira, ku kibuga cy'indege ahaca nta nkuru, agera i Kigali ari umwere. Iby'umunyarwanda wari ugiye guhotorerwa muri Rumaniya azize ubugome bwa mwene wabo byamenyekanye Militant wawe yarabaye Depite.

Duheruka dossier ya Niyitegeka Eliezer imuviramo kutongera kwiyamamariza ubudepite, ariko se mama ubwo busembwa bwaba bwaramuvuyeho ngo M.D.R ibe yamwizera imushinge kariya kazi katoroshye ko kuyibera Prezida wa Komite y'Itangazamakuru no kwamamaza? Niba azamamaza abandi, MDR ibe ifite ubundi bushobozi bwo kuzamushyira ku malisiti yabo kuko tuzi ko atakwihanganira kudatorerwa ubudepite kandi imbaraga azifitiye. Hagati aho yakwirinda kugira undi yahohotera.

KANGURA

N.D.L.R: Kuri iyo dosiye nyiri ukuvugwa nasanga yarahohotewe. Nkuko Murebwayire Anyesi yabyitwaje. Azaze tumuhe ibimenyetso simusiga cyangwa azabaze icyatumye atajya kuri liste y'ubudepite yari yiyamamarije. Bitaba ibyo azegere ibiro bishinzwe iperereza mu Rwanda Serivisi ishinzwe Abanyarwanda baba mu mahanga.

KANGURA

Si ubuhotozi gusa kuko NIYITEGEKA Eliezer avugwaho ubushimusi...

ITANGAZO

...fuza
...riwe-
...nshi.
...mba
...bozi
...
...Aba-

A propos du candidat-député du parti MDR, Niyitegeka Eliezer. On dit qu'il n'est pas recommandable parce que du temps où il était étudiant en Roumanie, il a failli assassiner un de ses condisciples.



La victoire du M. P. R dans le multipartisme est plus que jamais le souhait de la grande majorité des Rwandais.

Abanyarwanda benshi turifuza kuzabona M. P. R iri ku isonga ry'andi mashyaka mu matora ari imbere.

Tiré sur les presses de la Printer Set